



Umwaka wa 63
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 27/06/2024

Year 63
Official Gazette n° Special of
27/06/2024

63^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
27/06/2024

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Itegeko/ Law / Loi

Itegeko n° 062/2024 ryo ku wa 20/06/2024 rigenga ibimenyetso	2
Law n° 062/2024 of 20/06/2024 governing evidence	2
Loi n° 062/2024 du 20/06/2024 régissant la preuve	2

ITEGEKO N° 062/2024 RYO KU WA 20/06/2024 RIGENGA IBIMENYETSO <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3 :</u> Ibirebwa n’iri tegeko <u>UMUTWE WA II: INGINGO ZIHURIWEHO</u> <u>Ingingo ya 4:</u> Inshingano yo kugaragaza ibimenyetso <u>Ingingo ya 5:</u> Ingaruka zo kwanga gutanga ikimenyetso <u>Ingingo ya 6:</u> Ubwoko bw’ibimenyetso bishingirwaho <u>Ingingo ya 7 :</u> Ibibujijwe mu gushaka ikimenyetso	LAW N° 062/2024 of 20/06/2024 GOVERNING EVIDENCE <u>TABLE OF CONTENT</u> <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Law <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Purpose of this Law <u>CHAPTER II: COMMON PROVISIONS</u> <u>Article 4:</u> Burden of proof <u>Article 5:</u> Effects of refusing to produce evidence <u>Article 6:</u> Applicable types of evidence <u>Article 7:</u> Prohibited ways of collecting evidence	LOI N° 062/2024 DU 20/06/2024 RÉGISSANT LA PREUVE <u>TABLE DES MATIERES</u> <u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi <u>Article 2 :</u> Interprétation <u>Article 3 :</u> Objet de la présente loi <u>CHAPITRE II :</u> DISPOSITIONS COMMUNES <u>Article 4 :</u> Charge de la preuve <u>Article 5 :</u> Effets du refus de produire la preuve <u>Article 6 :</u> Types de preuves applicables <u>Article 7 :</u> Moyens prohibés de recueillir les preuves
--	---	--

<u>Ingingo ya 8:</u> Gutanga ikimenyetso hakoreshejwe inyandiko ihamya <u>UMUTWE WA III:</u> IBIMENYETSO MU MANZA CYANGWA MU BIBAZO MBONEZAMUBANO <u>Iciviro cya mbere:</u> Ibimenyetso byanditse <u>Akicro ka mbere:</u> Inyandiko mvaho n'inyandiko bwite <u>Ingingo ya 9:</u> Ibigize ikimenyetso cyanditse <u>Ingingo ya 10:</u> Agaciro k'inyandiko mvaho <u>Ingingo ya 11:</u> Agaciro k'inyandiko bwite <u>Ingingo ya 12:</u> Itariki nyakuri y'inyandiko bwite ku bireba abandi bantu <u>Ingingo ya 13:</u> Agaciro k'inyandiko bwite ireba amasezerano magirirane <u>Ingingo ya 14:</u> Inkurikizi y'inyandiko <u>Ingingo ya 15:</u> Inyandiko nsezeranyabwishyu cyangwa isezeranya bwite	<u>Article 8:</u> Presenting evidence by affidavit <u>CHAPTER III:</u> EVIDENCE IN CIVIL MATTERS <u>Section One:</u> Documentary evidence <u>Subsection One:</u> Authentic and private deeds <u>Article 9:</u> Components of the documentary evidence <u>Article 10:</u> Probative value of the authentic deed <u>Article 11:</u> Probative value of a private deed <u>Article 12:</u> Exact date of a private deed with regard to third parties <u>Article 13:</u> Validity of a synallagmatic private deed <u>Article 14:</u> Binding effect of a deed <u>Article 15:</u> Promissory note or private promise	<u>Article 8 :</u> Production de la preuve par affidavit <u>CHAPITRE III :</u> PREUVE EN MATIÈRE CIVILE <u>Section première :</u> Preuve documentaire <u>Sous-section première :</u> Acte authentique et acte sous seing privé <u>Article 9 :</u> Éléments de la preuve documentaire <u>Article 10:</u> Valeur probante de l'acte authentique <u>Article 11 :</u> Valeur probante de l'acte sous seing privé <u>Article 12:</u> Date certaine de l'acte sous seing privé à l'égard des tiers <u>Article 13 :</u> Validité d'un acte sous seing privé synallagmatique <u>Article 14 :</u> Effet contraignant d'un acte <u>Article 15 :</u> Billet à ordre ou promesse sous seing privé
--	--	---

<u>Ingingo ya 16:</u> Ukudahura k'umubare wanditse mu masezerano	<u>Article 16:</u> Inconsistency in the figure expressed in a private deed	<u>Article 16 :</u> Incohérence du montant exprimé dans un acte sous seing privé
<u>Ingingo ya 17:</u> Agaciro k'inyandiko y'umucuruzi hagati y'umucuruzi n'utari umucuruzi	<u>Article 17:</u> Probative value of traders documents between traders and non-traders	<u>Article 17 :</u> Valeur probante des documents des commerçants entre commerçants et non-commerçants
<u>Ingingo ya 18:</u> Agaciro k'inyandiko y'umucuruzi hagati y'abacuruzi ubwabo	<u>Article 18:</u> Probative value of traders' documents between traders themselves	<u>Article 18 :</u> Valeur probante des documents des commerçants entre commerçants eux-mêmes
<u>Ingingo ya 19:</u> Gusaba inyandiko z'abacuruzi	<u>Article 19:</u> Request for production of traders' documents	<u>Article 19 :</u> Ordonner la présentation des documents des commerçants
<u>Ingingo ya 20:</u> Agaciro k'inyandiko yo mu rugo	<u>Article 20:</u> Probative value of domestic document	<u>Article 20 :</u> Valeur probante d'un document domestique
<u>Ingingo ya 21:</u> Agaciro k'inyandiko y'inyongera ku nyandiko nyirizina	<u>Article 21:</u> Probative value of annotations to the deed	<u>Article 21 :</u> Valeur probante des annotations sur l'acte
<u>Ingingo ya 22:</u> Agaciro k'inyandiko umuntu yandikiye undi	<u>Article 22:</u> Probative value of a document sent by a person to another	<u>Article 22 :</u> Valeur probante d'un document envoyé par une personne à une autre
<u>Ingingo ya 23:</u> Agaciro k'amasezerano y'ibanga	<u>Article 23:</u> Probative value of counter-letters	<u>Article 23 :</u> Valeur probante des contre-lettres
<u>Ingingo ya 24:</u> Agaciro k'inyandiko yemera inshingano	<u>Article 24:</u> Probative value of a recognitive act	<u>Article 24 :</u> Valeur probante d'un acte reconnaissant
<u>Ingingo ya 25:</u> Inyandiko ishimangira cyangwa yemeza inshingano	<u>Article 25:</u> Act of confirmation or ratification	<u>Article 25 :</u> Acte confirmatif ou de ratification

<u>Ingingo ya 26:</u> Agaciro k'intangiriro y'ikimenyentso cyanditse <u>Ingingo ya 27:</u> Agaciro ka kopi y'inyandiko y'umwimerere <u>Akicro ka 2:</u> Itangwa n'igenzura ry'inyandiko <u>Ingingo ya 28:</u> Ihakana ry'inyandiko bwite <u>Ingingo ya 29:</u> Kudaha agaciro ihakana ry'inyandiko, iry'igikumwe cyangwa iry'umukono <u>Ingingo ya 30:</u> Uburyo bwo gusuzuma inyandiko <u>Ingingo ya 31:</u> Gutanga inyandiko ibitswe n'undi muntu kugira ngo hakorwe igereranya <u>Ingingo ya 32:</u> Uburyo bukoreshwa iyo inyandiko zo kugereranyirizaho zitabonetse cyangwa zidahagije <u>Ingingo ya 33:</u> Isuzumwa ry'inyandiko, iry'igikumwe cyangwa iry'umukono bihakanwa	<u>Article 26:</u> Probative value of commencement of proof in writing <u>Article 27:</u> Probative value of copies of an original document <u>Subsection 2:</u> Production and verification of documents <u>Article 28:</u> Denial of a private deed <u>Article 29:</u> Disregarding the denial of handwriting, fingerprint or signature <u>Article 30:</u> Document verification procedure <u>Article 31:</u> Submission of document kept by a third party for comparison <u>Article 32:</u> Applicable procedure in case of lack or insufficiency of documents for comparison <u>Article 33:</u> Verification of the disavowed or contested document, fingerprint or signature	<u>Article 26 :</u> Valeur probante du commencement de preuve par écrit <u>Article 27 :</u> Valeur probante de copies de l'original d'un document <u>Sous-section 2 :</u> Production et vérification des documents <u>Article 28 :</u> Déni d'un acte sous seing privé <u>Article 29 :</u> Rejet de déni d'une écriture, d'une empreinte digitale ou d'une signature <u>Article 30 :</u> Procédure de vérification d'un document <u>Article 31 :</u> Remise d'un document conservé par un tiers à des fins de comparaison <u>Article 32 :</u> Procédure applicable en cas de défaut ou d'insuffisance de documents de comparaison <u>Article 33 :</u> Vérification, par un expert, du document, de l'empreinte digitale ou de la signature désavoués ou non reconnus
---	---	--

<u>Iciviro cya 2: Ibimenyetso bishingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga</u> <u>Ingingo ya 34:</u> Iyemerwa n'agaciro by'ikimenyetso gishingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga <u>Ingingo ya 35:</u> Iyemerwa n'agaciro by'inyandiko koranabuhanga <u>Ingingo ya 36:</u> Ihame ryo gutanga umwimerere w'inyandiko koranabuhanga <u>Ingingo ya 37:</u> Iyemerwa rya kopi y'inyandiko koranabuhanga <u>Ingingo ya 38:</u> Ikimenyetso gicukumbuwe gituma inyandiko koranabuhanga ifatwa nk'ifite ubudakemwa <u>Ingingo ya 39:</u> Iyemerwa ry'amakuru koranabuhanga atanzwe n'undi muntu <u>Ingingo ya 40:</u> Kwemeranywa ku kimenyetso koranabuhanga <u>Ingingo ya 41:</u> Iyemerwa ry'inyandiko koranabuhanga ikomoka mu kindi gihugu <u>Ingingo ya 42:</u> Iyemerwa n'agaciro by'umukono koranabuhanga	<u>Section 2: Scientific and digital evidences</u> <u>Article 34:</u> Admissibility and probative value of scientific and digital evidence <u>Article 35:</u> Admissibility and probative value of an electronic record <u>Article 36:</u> Principle to produce the original of electronic record <u>Article 37:</u> Admissibility of an electronic record copy <u>Article 38:</u> Presumption of integrity of electronic record <u>Article 39:</u> Admissibility of electronic data provided as hearsay <u>Article 40:</u> Agreement on electronic evidence <u>Article 41:</u> Admissibility of an electronic record from another country <u>Article 42:</u> Admissibility and probative value of an electronic signature	<u>Section 2 : Preuves scientifiques et numériques</u> <u>Article 34 :</u> Recevabilité et valeur probante d'une preuve scientifique et numérique <u>Article 35 :</u> Recevabilité et valeur probante d'un document électronique <u>Article 36 :</u> Principe de produire l'original d'un document électronique <u>Article 37 :</u> Recevabilité d'une copie d'un document électronique <u>Article 38 :</u> Présomption de la fiabilité d'un document électronique <u>Article 39 :</u> Admissibilité de données électroniques fournies comme ouï-dire <u>Article 40 :</u> Accord sur la preuve électronique <u>Article 41 :</u> Admissibilité d'un document électronique d'un autre pays <u>Article 42 :</u> Admissibilité et valeur probante d'une signature électronique
---	--	--

<u>Ingingo ya 43:</u> Gutanga umukono koranabuhanga nk'ikimenyetso	<u>Article 43:</u> Electronic signature as evidence	<u>Article 43 :</u> Production d'une signature électronique comme preuve
<u>Ingingo ya 44:</u> Ikimenyetso gicukumbuwe cyerekeye inyandiko n'umukono koranabuhanga bibungabunzwe	<u>Article 44:</u> Presumption relating to secure electronic record and signature	<u>Article 44 :</u> Présomption relative au document et à la signature électronique sécurisé
<u>Ingingo ya 45:</u> icyemezo cyangwa umukono koranabuhanga bitangiwe mu mahanga	<u>Article 45:</u> Electronic certificate or signature issued abroad	<u>Article 45 :</u> Certificat ou signature électronique émis à l'étranger
<u>Ingingo ya 46:</u> Iyemerwa n'agaciro by'umukono ukozwe mu mibare	<u>Article 46:</u> Admissibility and probative value of a digital signature	<u>Article 46 :</u> Recevabilité et valeur probante d'une signature numérique
<u>Ingingo ya 47:</u> Igenzura ry'umukono ukozwe mu mibare	<u>Article 47:</u> Verification of a digital signature	<u>Article 47 :</u> Vérification d'une signature numérique
<u>Ingingo ya 48:</u> Ikimenyetso gicukumbuwe cyerekeranye n'umukono ukozwe mu mibare	<u>Article 48:</u> Presumption relating to a digital signature	<u>Article 48 :</u> Présomption relative à une signature numérique
<u>Ingingo ya 49:</u> Ikimenyetso gicukumbuwe cyerekeranye n'icyemezo koranabuhanga	<u>Article 49:</u> Presumption of the electronic certificate	<u>Article 49 :</u> Présomption du certificat électronique
<u>Icyiciro cya 3:</u> Ibimenyetso bishingiye ku buhamya	<u>Section 3:</u> Testimonial evidence	<u>Section 3 :</u> Preuve testimoniale
<u>Akiciro ka mbere:</u> Uburyo bwo gutanga ubuhamya n'abashobora kubutanga	<u>Subsection One:</u> Procedure for giving a testimony and persons eligible to testify	<u>Sous-section première :</u> Procédure de déposer un témoignage et les personnes autorisées à témoigner
<u>Ingingo ya 50:</u> Uburyo ubuhamya	<u>Article 50:</u> Procedure for giving a	<u>Article 50 :</u> Procédure de déposer un

butangwamo	testimony	témoignage
<u>Ingingo ya 51:</u> Umuntu ushobora gutanga ubuhamya	<u>Article 51:</u> Person capable of giving testimony	<u>Article 51 :</u> Personne pouvant faire une déposition
<u>Ingingo ya 52:</u> Igihe bitemewe gutanga ikimenyetso gishingiye ku buhamya	<u>Article 52:</u> Cases in which testimonial evidence is not admitted	<u>Article 52 :</u> Cas dans lesquels la preuve testimoniale n'est pas admise
<u>Ingingo ya 53:</u> Ukwemerwa n'agaciro by'ikimenyetso gishingiye ku buhamya	<u>Article 53:</u> Admissibility and probative value of testimonial evidence	<u>Article 53 :</u> Admissibilité et valeur probante d'une preuve testimoniale
<u>Ingingo ya 54:</u> Gusaba gutanga umutangabuhamya	<u>Article 54:</u> Request for using a witness	<u>Article 54 :</u> Demande de présenter un témoin
<u>Akicro ka 2:</u> Kumva umutangabuhamya	<u>Subsection 2:</u> Witness examination	<u>Sous-section 2 :</u> Audition d'un témoin
<u>Ingingo ya 55 :</u> Amakuru asabwa mbere yo gutanga ubuhamya	<u>Article 55:</u> Information required before testifying	<u>Article 55 :</u> Informations requises avant la déposition
<u>Ingingo ya 56:</u> Indahiro y'umutangabuhamya	<u>Article 56:</u> Witness oath	<u>Article 56 :</u> Serment d'un témoin
<u>Ingingo ya 57:</u> Uburyo kubaza umutangabuhamya bikorwa	<u>Article 57:</u> Procedure for examination of a witness	<u>Article 57 :</u> Procédure d'audition d'un témoin
<u>Ingingo ya 58:</u> Uburyo ubuhamya butangwa	<u>Article 58:</u> Procedure of testimony deposition	<u>Article 58 :</u> Procédure de dépôt de témoignage
<u>Ingingo ya 59:</u> Kumva umutangabuhamya ufite amakuru y'ingirakamaro	<u>Article 59:</u> Examination of witness with reliable information	<u>Article 59 :</u> Audition d'un témoin disposant d'informations importantes
<u>Ingingo ya 60:</u> Inshingano yo kwitaba no	<u>Article 60:</u> Obligation to appear and	<u>Article 60 :</u> Obligation de comparaître et

gutanga ubuhamya	testify	de témoigner
<u>Icyiciro cya 4:</u> Ikimenyetso cy'impuguke	<u>Section 4:</u> Expert evidence	<u>Section 4 :</u> Preuve d'expert
<u>Ingingo ya 61:</u> Ishyirwaho ry'impuguke	<u>Article 61:</u> Appointment of expert	<u>Article 61 :</u> Désignation d'un expert
<u>Ingingo ya 62:</u> Imenyesha ry'ishyirwaho ry'impuguke n'itangira ry'umurimo w'impuguke	<u>Article 62:</u> Notification of appointment of an expert and commencement of duties	<u>Article 62 :</u> Notification de la désignation d'un expert et début de ses fonctions
<u>Ingingo ya 63:</u> Impamvu zo kwihana impuguke	<u>Article 63:</u> Grounds for expert disqualification	<u>Article 63 :</u> Motifs de récusation d'un expert
<u>Ingingo ya 64 :</u> Igihe ntarengwa cyo gutanga inzitizi yo kwihana impuguke	<u>Article 64:</u> Time limit for submitting application for disqualification of an expert	<u>Article 64 :</u> Délai de demande en récusation d'un expert
<u>Ingingo ya 65:</u> Kwikura mu murimo bikoze n'impuguke ubwayo	<u>Article 65:</u> Self disqualification	<u>Article 65 :</u> Déport volontaire d'un expert
<u>Ingingo ya 66:</u> Uburyo bwo kwihana impuguke	<u>Article 66:</u> Procedure for disqualification of an expert	<u>Article 66 :</u> Modalités de récusation d'un expert
<u>Ingingo ya 67:</u> Imenyesha ry'ubwihane bw'impuguke	<u>Article 67:</u> Notification of the disqualification of an expert	<u>Article 67 :</u> Notification de la récusation d'un expert
<u>Ingingo ya 68:</u> Imikoranye y'impuguke n'umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo	<u>Article 68:</u> Collaboration between an expert and a party	<u>Article 68 :</u> Collaboration d'un expert et d'une partie
<u>Ingingo ya 69:</u> Imbibizi z'ubutumwa bw'impuguke	<u>Article 69:</u> Scope of an expert mission	<u>Article 69 :</u> Portée de la mission d'expert

<u>Ingingo ya 70:</u> Igihe cyo gutangamo raporo y'impuguke	<u>Article 70:</u> Time for submission of an expert report	<u>Article 70 :</u> Délai de dépôt d'un rapport d'expert
<u>Ingingo ya 71:</u> Isimburwa ry'impuguke	<u>Article 71:</u> Replacement of an expert	<u>Article 71 :</u> Remplacement d'un expert
<u>Ingingo ya 72:</u> Raporo y'impuguke	<u>Article 72:</u> Report of the expert	<u>Article 72 :</u> Rapport d'expert
<u>Ingingo ya 73:</u> Ukutumvikana kw'impuguke ku mwanzuro	<u>Article 73:</u> Experts' disagreement on the conclusion	<u>Article 73 :</u> Désaccord des experts sur une conclusion
<u>Ingingo ya 74:</u> Gusaba impuguke ibisobanuro by'inyongera	<u>Article 74:</u> Request for additional explanations from an expert	<u>Article 74 :</u> Demande d'éclaircissements supplémentaires à l'expert
<u>Ingingo ya 75:</u> Kudatanga raporo kw'impuguke	<u>Article 75:</u> Failure of the expert to submit a report	<u>Article 75 :</u> Défaut de soumission du rapport par l'expert
<u>Ingingo ya 76:</u> Ukwitabira iperereza kw'impuguke	<u>Article 76:</u> Participation of an expert in an investigation	<u>Article 76 :</u> Participation d'un expert dans une enquête
<u>Ingingo ya 77:</u> Kuvuguruza raporo y'impuguke	<u>Article 77:</u> Challenging an expert report	<u>Article 77 :</u> Contestation d'un rapport d'expert
<u>Ingingo ya 78:</u> Agaciro ka raporo y'impuguke	<u>Article 78:</u> Probative value of the expert report	<u>Article 78 :</u> Valeur probante du rapport d'expert
<u>Ingingo ya 79:</u> Ibisobanuro by'impuguke mu rwego rw'ubujurire	<u>Article 79:</u> Explanations of an expert at the appeal level	<u>Article 79 :</u> Explications d'un expert au niveau d'appel
<u>Ingingo ya 80:</u> Indahiro y'impuguke igiye gutanga ibisobanuro	<u>Article 80:</u> Oath of an expert preparing to give explanations	<u>Article 80 :</u> Serment d'un expert qui s'apprête à donner des explications

<u>Icyiciro cya 5: Ikimenyetso gicukumbuwe</u> <u>Ingingo ya 81:</u> Iyemerwa ry'ikimenyetso gicukumbuwe n'ubwenge bw'umuntu <u>Ingingo ya 82:</u> Imbaraga z'icyemezo cyabaye ndakuka <u>Ingingo ya 83:</u> Gusonerwa gutanga ikindi kimenyetso iyo hari ikimenyetso gicukumbuwe n'itegeko <u>Icyiciro cya 6: Ukwiyeemerera k'umwe mu bafitanye ikibazo</u> <u>Ingingo ya 84:</u> Agaciro k'ukwiyeemerera mu magambo kudakorewe imbere y'urwego rufite ububasha <u>Ingingo ya 85:</u> Agaciro k'ukwiyeemerera gukorewe imbere y'urwego rufite ububasha <u>Ingingo ya 86:</u> Ukwiyeemerera kw'umwe cyangwa kwa bamwe mu bafatanyije umwenda <u>UMUTWE WA IV: IBIMENYETSO MU MANZA NSHINJABYAHA</u> <u>Ingingo ya 87:</u> Ikimenyetso mu rubanza	<u>Section 5: Presumption</u> <u>Article 81:</u> Admissibility of human presumption <u>Article 82:</u> Claim preclusion <u>Article 83:</u> Exemption from production of evidence additional to legal presumption <u>Section 6: Admission by a party</u> <u>Article 84:</u> Probative value of oral admission made out of the competent organ <u>Article 85:</u> Probative value of admission made before the competent organ <u>Article 86:</u> Admission of one or several co-debtors <u>CHAPTER IV: EVIDENCE IN CRIMINAL MATTERS</u> <u>Article 87:</u> Evidence in criminal matters	<u>Section 5 : Présomption</u> <u>Article 81 :</u> Admissibilité de la présomption humaine <u>Article 82 :</u> Autorité de la chose jugée <u>Article 83 :</u> Exonération de la production d'une autre preuve en plus de la présomption légale <u>Section 6 : Aveu d'une partie</u> <u>Article 84 :</u> Valeur probante de l'aveu verbal fait en dehors de l'organe compétent <u>Article 85 :</u> Valeur probante de l'aveu fait devant l'organe compétent <u>Article 86 :</u> Aveu d'un ou de plusieurs codébiteurs <u>CHAPITRE IV : PREUVE EN MATIÈRE PÉNALE</u> <u>Article 87 :</u> Preuve en matière pénale
--	--	---

nshinjabyaha		
<u>Ingingo ya 88:</u> Ikoreshwa mu manza nshinjabyaha ry'ibimenyetso bikoreshwa mu manza cyangwa mu bibazo mbonezamubano	<u>Article 88:</u> Application of evidence used in civil matters to criminal matters	<u>Article 88 :</u> Application en matière pénale des preuves appliquées en matière civile
<u>Ingingo ya 89:</u> Aho ikimenyetso gifatika gishingira	<u>Article 89:</u> Matters to which material evidence relates	<u>Article 89 :</u> Questions sur lesquelles se porte la preuve matérielle
<u>Ingingo ya 90:</u> Kwerekana inkomoko y'ikimenyetso gifatika	<u>Article 90:</u> Indication of the origin of material evidence	<u>Article 90 :</u> Indication de l'origine de la preuve matérielle
<u>Ingingo ya 91:</u> Ibisobanuro biherekeza igishushanyo	<u>Article 91:</u> Explanations on drawings, sketches	<u>Article 91 :</u> Témoignage sur dessin ou croquis
<u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	<u>CHAPTER V:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE V :</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES
<u>Ingingo ya 92:</u> Uko iperereza no kujya aho ikiri mu mpaka kiri bikorwa	<u>Article 92:</u> Procedures for investigating and visiting the location of the subject matter in dispute	<u>Article 92 :</u> Modalités d'enquête et de descente sur les lieux de l'objet du différend
<u>Ingingo ya 93:</u> Ubufatanye mu iperereza	<u>Article 93 :</u> Cooperation in investigation	<u>Article 93 :</u> Coopération en matière d'enquête
<u>Ingingo ya 94:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 94:</u> Language provision	<u>Article 94 :</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 95:</u> Ingingo ivanaho	<u>Article 95:</u> Repealing provision	<u>Article 95 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 96:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 96:</u> Entry into force	<u>Article 96 :</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 27/06/2024

ITEGEKO N° 062/2024 RYO KU WA 20/06/2024 RIGENGA IBIMENYETSO Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETIYA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA INTEKO INSHINGA AMATEGEKO: Umutwe w’Abadepite mu nama yawo yo ku wa 22 Mata 2024; Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64; Isubiye ku Itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n’itangwa ryabyo; YEMEJE:	LAW N° 062/2024 OF 20/06/2024 GOVERNING EVIDENCE We, KAGAME Paul, President of the Republic; THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA THE PARLIAMENT: The Chamber of Deputies, in its sitting of 22 April 2024; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, in its Article 64; Having reviewed Law n° 15/2004 of 12/6/2004 relating to evidence and its production; ADOPTS:	LOI N° 062/2024 DU 20/06/2024 RÉGISSANT LA PREUVE Nous, KAGAME Paul, Président de la République ; LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA LE PARLEMENT : La Chambre des Députés, en sa séance du 22 avril 2024 ; Vu la Constitution de la République du Rwanda, en son article 64 ; Revu la Loi n° 15/2004 du 12/06/2004 portant modes et administration de la preuve; ADOpte :
---	--	--

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije Iri tegeko rigenga ibimenyetso n’uko bitangwa. <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura Muri iri tegeko: (a) “amakuru koranabuhanga” bivuga amakuru agaragara hakoreshejwe ikoranabuhanga uko yaba ateye kose; (b) “icyemezo koranabuhanga” bivuga inyandiko itanzwe n’ukora serivisi yo gutanga ibyemezo mpamo koranabuhanga kugira ngo yemeze ku buryo budasubirwaho umwirondoro cyangwa indi miterere y’ingenzi y’umuntu ufite imfunguzo zombi zihariye; (c) “ikimenyetso” bivuga uburyo bwo kugaragaza ukuri kw’ibyabaye; (d) “ikimenyetso cy’impuguke” bivuga ubuhamya bugamije gutanga ibisobanuro n’umwanzuro bishingiye ku bumenyi	<u>Article One:</u> Purpose of this Law This Law governs the evidence and its production. <u>Article 2:</u> Interpretation In this Law: (a) “electronic data” means electronic representations of information in any form; (b) “electronic certificate” means a record which is issued by an electronic certification service provider for the purpose of confirming the identity or other significant characteristics of the person who holds a particular pair of keys; (c) “evidence” means a means of demonstrating the truth of a fact; (d) “expert evidence” means testimony intended to give explanations and a conclusion based on expertise that	<u>Article premier :</u> Objet de la présente loi La présente loi régit la preuve et son administration. <u>Article 2 :</u> Interprétation Dans la présente loi : (a) “données électroniques” signifie les représentations électroniques de l’information sous une forme quelconque; (b) “certificat électronique ” signifie un document qui est délivré par un fournisseur de services de certification électronique dans le but de confirmer l’identité ou d’autres caractéristiques importantes de la personne qui détient une paire de clés particulières; (c) “preuve” signifie un moyen pour démontrer la véracité d’un fait; (d) “preuve d’expert” signifie un témoignage destiné à donner des explications et la conclusion fondées

burenze ubusanzwe bw'umucamanza cyangwa bw'umuntu ukemura ikibazo mu kazi ke bitewe n'uko ikibazo gisuzumwa gisaba ubuhanga bwihariye;	goes beyond the ordinary knowledge of a judge or a person ruling on a dispute within the scope of his or her duties, due to the special expertise of the subject of the dispute;	sur l'expertise qui dépasse les connaissances ordinaires d'un magistrat ou d'une personne qui statue sur un différend dans le cadre de ses fonctions, en raison de l'expertise spéciale de l'objet du litige;
(e) “ikimenyetso gicukumbuwe” bivuga ikintu itegeko cyangwa urwego rufite ububasha bishingiraho bikora isesengura rihereye ku kintu kizwi kugira ngo hagaragazwe ikitazwi;	(e) “presumption” means inferences that the law or a competent organ makes from a known fact to demonstrate an unknown fact;	(e) “présomption” signifie les déductions que la loi ou un organe compétent fait d'un fait connu pour démontrer un fait inconnu ;
(f) “ikimenyetso gicukumbuwe n'amategeko” bivuga igiteganywa n'itegeko gituma urwego rufite ububasha rwemeza ikintu rutagombye gusaba ikimenyetso keretse habonetse ikikivuguruzwa;	(f) “legal presumption” means presumption that is provided by the law thereby allowing the competent organ to confirm something without requiring an evidence unless the contrary is established;	(f) “présomption légale” signifie celle qui est prévue par la loi, permettant ainsi à l'organe compétent de confirmer quelque chose sans exiger aucune preuve, sauf disposition contraire ;
(g) “ikimenyetso gicukumbuwe n'umuntu” bivuga ikimenyetso gicukumburwa n'ubwenge n'ubushishozi bw'umuntu ukemura ikibazo;	(g) “human presumption” means presumption that is established by the discretion and wisdom of a person ruling on a dispute;	(g) “présomption humaine” signifie la présomption établie par le pouvoir discrétionnaire et la sagesse de la personne qui statue sur un différend;
(h) “ikimenyetso gifatika” bivuga ikimenyetso kigaragarizwa urwego rufite ububasha hagaragazwa imiterere y'ikintu runaka, ikimenyetso cyasizwe ahantu cyangwa se imiterere y'umuntu ubwe;	(h) “material evidence” means a piece of evidence brought to the knowledge of the competent organ by showing the status of a certain object, a trace of evidence or the status of the very person;	(h) “preuve matérielle” signifie une preuve portée à la connaissance de l'organe compétent en montrant l'état de l'objet, d'une trace ou l'état d'une personne précise ;

(i) “ikimenyetso gishingiye ku buhamya” bivuga: (i) amagambo avugiwe imbere y’urwego rufite ububasha cyangwa yarushyikirijwe mu nyandiko n’umuntu wabonye cyangwa wumvise ibyerekeranye n’ikibazo kiri mu mpaka; (ii) amakuru umuntu yashyikirije urwego rufite ububasha yarayabonye ubwe akoresheje ibindi byumviro bitari ibivugwa mu gace k’agaka ka (i) cyangwa akoresheje ubundi buryo ku kintu gishobora kumvishwa ibindi byumviro cyangwa ubundi buryo; (iii) igitekerezo gifitanye isano n’ikibazo kiri mu mpaka nyiracyo ubwe ashyikiriza urwego rufite ububasha; (j) “ikimenyetso gishingiye ku bumenyi” bivuga amakuru yagezweho hakoreshejwe ubushakashatsi bushingiye	(i) “testimonial evidence” means: (i) an oral or written statement an individual makes before a competent organ regarding what he or she personally saw or heard, that is relevant to the matter in dispute; (ii) any information provided to the competent organ with reference to a fact which could be perceived by any sense other than the ones provided under Sub-subparagraph (i) or in any other manner, with reference to a fact which could be perceived by any other sense or manner; (iii) an opinion that is provided to the competent organ by the holder with reference to the dispute under consideration; (j) “scientific evidence” means information gathered from scientific and technological research or any of	(i) “preuve testimoniale” signifie : (i) les déclarations orales ou écrites d’un individu faites devant un organe compétent concernant ce qu’il a vu ou entendu au sujet de ce qui fait l’objet du litige; (ii) toute information fournie à l’organe compétent sur un fait qui pourrait être perçu par le sens autre que ceux visés au sous alinéa (i) ou de toute autre manière, sur un fait qui pourrait être perçu par un autre sens ou d’une autre manière; (iii) une opinion que le détenteur en personne présente à l’organe compétent en rapport avec le litige concerné ; (j) “preuve scientifique” signifie une information recueillie à partir de la recherche scientifique et
---	---	---

ku bumenyi n'ikoranabuhanga cyangwa kimwe muri byo, hagamijwe kwemeza cyangwa kuvuguruza ikigibwaho impaka; (k) “ikimenyetso koranabuhanga” bivuga amakuru koranabuhanga afite agaciro mu iperereza, abitse, yakiriwe cyangwa yahererekanyijwe hakoreshejwe igikoresho koranabuhanga; (l) “intangiriro y'ikimenyetso cyanditse” bivuga inyandiko ikomoka ku uwo bayiregesha cyangwa ku umuhagarariye kandi ikaba ishobora kuba yahamya ukuri kw'ikiregerwa; (m) “inyandiko” bivuga urwunge rw'ibimenyetso nyuguti cyangwa ibindi bimenyetso bifite igisobanuro byashyizwe ku kintu koranabuhanga cyangwa kitari koranabuhanga gituma bigerwaho n'ubikeneye, hatitawe ku mimerere y'icyo kintu cyangwa uburyo giherekanywamo; (n) “inyandiko bwite” bivuga inyandiko iriho igikumwe cyangwa umukono by'umwe cyangwa bya benshi mu bayanditse cyangwa by'ababahagarariye, cyangwa inyandiko koranabuhanga,	them to support or contradict a claim; (k) “electronic evidence” means electronic data of probative value to an investigation that is stored in, received or transmitted through an electronic device; (l) “commencement of proof in writing” means a document emanating from the person against whom the evidence is submitted or his or her representative and which makes the alleged fact plausible; (m) “document” means a set of alphabetic signs or other intelligible signs affixed to a medium whether electronic or not, enabling it to be accessed, whatever the nature of the medium and the methods of its transmission; (n) “private deed” means a document that bears a fingerprint or a signature of one or several private parties or of their representatives, or an electronic record whose content is binding only	technologique ou l'une d'entre eux pour soutenir ou contredire une allégation; (k) “preuve électronique” signifie les données électroniques utiles à une enquête qui sont stockées, reçues ou transmises par un dispositif électronique; (l) “commencement de preuve par écrit” signifie un document qui émane de la personne contre qui la preuve est formée ou de son représentant et qui rend vraisemblable le fait allégué; (m) “document” signifie un ensemble de signes alphabétiques ou les autres signes intelligibles apposés sur un support électronique ou non permettant d'y accéder quelles que soient la nature de ce support et les méthodes de sa transmission; (n) “acte sous seing privé” signifie un document qui porte une empreinte digitale ou une signature d'une ou de plusieurs parties ou de leurs représentants, ou un enregistrement
---	---	---

ibiyikubiyemo bikaba bireba impande zayikoze gusa; (o) “inyandiko ihamya” bivuga inyandiko umuntu ashyiraho igikumwe cyangwa umukono, nyuma yo kurahirira imbere y’umuntu ubiherwa ububasha n’itegeko, yemeza ko ibiyikubiyemo ari ukuri; (p) “inyandiko koranabuhanga” bivuga amakuru koranabuhanga harimo inyandiko, amajwi, amashusho; yakozwe, yabyawe, yafashwe, yabitswe, yatunganyijwe, yoherejwe, yahererekanyijwe cyangwa yakiriwe hakoreshejwe mudasobwa cyangwa ikindi gikoresho koranabuhanga, ashobora gusomwa cyangwa kubonwa n’umuntu hakoreshejwe imikorere ya mudasobwa cyangwa ikindi gikoresho koranabuhanga, harimo imurikwa, icapwa cyangwa ubundi buryo ayo makuru koranabuhanga yasohorwamo; (q) “inyandiko koranabuhanga ibungabunzwe” bivuga inyandiko koranabuhanga yashyizweho uburyo bwo kuyibungabunga kuva igihe byakorewe kugeza igihe cy’igenzura;	on the parties deed; (o) “authentication deed” means a document on which a person affixes his or her fingerprint or signature, after swearing in before a person authorized by law and which confirms that the content of the document is true; (p) “electronic record” means the electronic data, including documents, sounds, videos; produced, generated, recorded, processed, stored, sent, communicated or received using a computer or any other electronic device, that can be read or perceived by a person by means of a computer system or other electronic device including a display, print-out or other output of those electronic data; (q) “secure electronic record” means an electronic record to which any security procedure has been applied from a specific point of time to the time of verification;	électronique dont le contenu n’engage que les parties à l’acte; (o) “acte d’authentification” signifie un document sur lequel une personne appose son empreinte digitale ou sa signature, après avoir prêté serment devant une personne autorisée par la loi et qui confirme que le contenu de ce document est véridique ; (p) “document électronique” signifie les données électroniques, y compris les documents, les sons, les vidéos; créées, générées, enregistrées, stockées, traitées, envoyées, communiquées ou reçues à l’aide d’un ordinateur ou d’un autre dispositif électronique, qui peuvent être lues ou perçues par une personne au moyen d’un système informatique ou d’un autre dispositif électronique, y compris un affichage, une impression ou une autre sortie de ces données électroniques; (q) “document électronique sécurisé” signifie un document électronique auquel une procédure de sécurité a été appliquée à partir d’un moment précis jusqu’au moment de la vérification;
---	--	--

(r) “inyandiko mvaho” bivuga inyandiko yanditswe cyangwa yakiranywe imihango yose yabugenewe n’umuntu uhabwa ububasha n’itegeko bwo kuyikora mu ifasi y’aho yandikiwe;	(r) “Authentic deed” means a document written or received following a certain set of formalities by a person upon whom the law confers the power to draw it within the jurisdiction in which it is made;	(r) “Acte authentique” signifie un document écrit ou reçu suivant un ensemble de certaines formalités par une personne à qui la loi confère le pouvoir de le produire dans le ressort de son établissement;
(s) “inyandiko yo mu rugo” bivuga inyandiko, yanditswe n’umuntu kandi itagenewe undi igaragaza ibimwerekeye, hatitawe ku hantu yandikiwe, ishobora kwifashishwa nk’ikimenyetso;	(s) “domestic document” means a document, written by a person and not intended for another person, which, regardless of the place where it is written, can be used as evidence;	(s) “document domestique” signifie un document rédigé par une personne, qui est destiné à aucune autre et qui, quel que soit le lieu de sa production, peut être utilisé comme preuve;
(t) “kwemeza umwimerere” bivuga uburyo bukoreshwa mu kugaragaza ko ikimenyetso gishingiye ku bumenyi cyangwa ku kintu gifatika gihuje n’ukuri kw’icyo gisabwa kuba cyo;	(t) “authentication” means the process by which a knowledge or fact-based evidence is proven to correspond to what it claims to be;	(t) “authentication” signifie le processus par lequel une preuve basée sur la connaissance ou sur les faits correspond à ce qu’elle doit être;
(u) “Minisitiri” bivuga Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano;	(u) “Minister” means the Minister in charge of justice;	(u) “Ministre” signifie le Ministre ayant la justice dans ses attributions;
(v) “ububiko koranabuhanga” bivuga igikoresho koranabuhanga cyangwa ubundi buryo koranabuhanga inyandiko koranabuhanga zifatweho cyangwa zibitsweho;	(v) “electronic records system” means the computer system or any other electronic device by or in which electronic data is recorded or stored;	(v) “système d’enregistrements électroniques” signifie le système informatique ou tout autre dispositif électronique par lequel ou dans lequel les données électroniques sont enregistrées ou stockées;
(w) “ukwiyemerera” bivuga amagambo cyangwa inyandiko umwe mu bafitanye ikibazo cyangwa umuhagarariye avuga	(w) “admission” means an oral or written statement a party or his or her representative makes to accept	(w) “aveu” signifie les déclarations orales ou écrites qu’une partie ou son représentant fait pour accepter

cyangwa yandika agira ibyo yemera; (x) “umukono” bivuga ikimenyetso cyangwa urwunge rw’ibimenyetso byandikishijwe intoki, uburyo koranabuhanga cyangwa ubundi buryo, gitandukanya nyiracyo n’abandi bantu; (y) “umukono koranabuhanga” bivuga amakuru ashyizwe ku nyandiko koranabuhanga, akoresha mu kwemeza isano iri hagati y’inyandiko koranabuhanga n’uwayanditse cyangwa mu kwemeza amakuru akubiye muri iyo nyandiko; (z) “umukono koranabuhanga ubungabunzwe” bivuga umukono koranabuhanga urindiwe umutekano urangwa nibura n’ibi bikurikira: (i) ari umwihariko ku muntu uwukoresha; (ii) ushobora kugaragaza nyirawo; (iii) warakozwe cyangwa ukoresha mu buryo bugenzurwa na nyirawo gusa;	something; (x) “signature” means a sign or a set of signs of a person drawn by hand, electronically or by other means that distinguish its owner from other persons; (y) “electronic signature” means information placed on an electronic record, which helps to logically associate an electronic record with its author or to confirm the information contained in this record; (z) “secure electronic signature” means an electronic signature that is secure and has the following characteristics: (i) being unique to the person using it; (ii) being capable of identifying its author; (iii) being created in a manner or using a means under the sole control of its author;	quelque chose; (x) “signature” signifie un signe ou un ensemble de signes tracés à la main, par voie électronique ou par un autre procédé qui distingue son propriétaire des autres personnes; (y) “signature électronique” signifie les informations placées dans un document électronique, qui permettent d’établir logiquement une relation entre un document électronique et son auteur ou confirmer les informations que contient ce document; (z) “signature électronique sécurisée” signifie une signature électronique qui est sécurisée et qui a des caractéristiques suivantes : (i) être unique à la personne qui l’utilise; (ii) être capable d’identifier son auteur; (iii) être créée d’une manière ou à l’aide d’un moyen sous le contrôle exclusif de son auteur;
--	---	---

(iv)uhujwe n'inyandiko koranabuhanga werekeyeho kandi iyo nyandiko ikaba itarahindutse; (aa) “umukono ukozwe mu mibare” bivuga umukono koranabuhanga ugamije guhindura inyandiko koranabuhanga ikoresheje uburyo budasubirwamo bw'imfunguzo ebyiri, urwihariye n'urufunguzo rusange; (bb) “umuntu ufatwa nk'udashobora kuba umutangabuhamya” bivuga umuntu ufite ubumuga, ikigero cy'imyaka cyangwa imiterere y'umubiri bituma atabasha gutanga ubuhamya bw'uko ibintu byagenze cyangwa uwambuwe n'urukiko uburenganzira bwo kuba umutangabuhamya; (cc) “urwego rufite ububasha” bivuga urukiko cyangwa urwego rwakira ikibazo kiri mu bubasha bw'urwego cyangwa rugifataho icyemezo, rushingiye ku bimenyetso.	(iv) being linked to the electronic record to which it relates and such a record did not change; (aa) “digital signature” means an electronic signature consisting of a transformation of an electronic record using an asymmetric cryptosystem; (bb) “person devoid of the capacity to be a witness” means a person with disability, age or physical appearance that refrain him or her from narrating facts in his or her depositions or the person who is stripped of the right to be a witness by the court; (cc) “competent organ” means a court or an organ which receives a claim that falls within its competence or which decides on it, basing on evidence.	(iv) être liée au document électronique auquel il se rapporte et que ce document n'a pas changé; (aa) “signature numérique” signifie une signature électronique consistant en la transformation d'un document électronique utilisant un système de cryptographie asymétrique; (bb) “personne frappée d'une incapacité d'être un témoin” signifie une personne dont le handicap, l'âge ou l'aspect physique l'empêche de raconter les faits dans son témoignage ou une personne qui d'après la décision d'une juridiction, est déchue du droit d'être témoin; (cc) “organe compétent” signifie une juridiction ou un organe qui reçoit un différend relevant de sa compétence ou qui statue sur celui-ci, sur la base de preuves.
--	--	---

<u>Ingingo ya 3 : Ibirebwa n’iri tegeko</u> Iri tegeko rireba ibimenyetso bitangwa mu nkiko. Rishobora kandi gukoreshwa mu zindi nzego zikemura ibibazo biri mu bubasha bwazo haseguriwe ibimenyetso biteganywa n’amategeko yihariye. <u>UMUTWE WA II: INGINGO ZIHURIWEHO</u> <u>Ingingo ya 4: Inshingano yo kugaragaza ibimenyetso</u> (1) Urega cyangwa utanze ikibazo agaragaza ikimenyetso cy’ibyo aregera cyangwa asaba. Uwiregura agaragaza ikimenyetso gishyigikira ukwiregura kwe. icyakora, umucamanza cyangwa ukemura ikibazo ashobora gutegeka umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo cyangwa undi muntu gutanga cyangwa kwerekana ikimenyetso afite. (2) icyemezo cy’urwego rufite ububasha gitegeka gutanga cyangwa kwerekana ikimenyetso, kigaragaza umwirondoro w’umuburanyi cyangwa w’umwe mu bafitanye	<u>Article 3: Purpose of this Law</u> This Law relates to evidence produced before the court. It can also apply to other institutions with powers to settle disputes without prejudice to evidence provided by specific laws. <u>CHAPTER II: COMMON PROVISIONS</u> <u>Article 4: Burden of proof</u> (1) A claimant has the burden to prove his or her claim. The respondent provides arguments substantiating his or her defence. However, a judge or an adjudicator may order the party to a claim or any other person to produce evidence he or she possesses. (2) The decision of the competent organ which orders to produce or demonstrate an evidence indicates the identity of a party to the claim or any other person who must produce or	<u>Article 3 : Objet de la présente loi</u> La présente loi est relative à l’administration de la preuve devant la juridiction. Elle peut également s’appliquer à d’autres institutions dotées de pouvoirs de résolution des litiges, sans préjudice des preuves prévues par des lois spécifiques. <u>CHAPITRE II : DISPOSITIONS COMMUNES</u> <u>Article 4 : Charge de la preuve</u> (1) Le demandeur a la charge de prouver l’existence de son droit. Le défendeur fournit les arguments pour appuyer sa défense. Toutefois, un juge ou une personne qui statue sur un différend peut ordonner à l’une des parties au différend ou à toute autre personne de produire les preuves dont elle dispose. (2) La décision de l’organe compétent qui ordonne de produire ou de démontrer une preuve indique l’identité de l’une des parties au différend ou de toute autre personne
--	--	---

ikibazo ubisabwa cyangwa undi muntu ugomba gutanga cyangwa kwerekana icyo kimenyetso, uburyo n'igihe kizatangwamo. Icyo cyemezo kimenyeshwa uwo bireba.	demonstrate such evidence, as well as the mode and time period for so doing. This decision is notified to any person concerned therewith.	qui doit produire ou démontrer une telle preuve, ainsi que les modalités et les délais pour le faire. Cette décision est notifiée à toute personne concernée.
<u>Ingingo ya 5: Ingaruka zo kwanga gutanga ikimenyetso</u>	<u>Article 5: Effects of refusing to produce evidence</u>	<u>Article 5 : Effets du refus de produire la preuve</u>
(1) Hakurikijwe icyemezo cy'urwego rufite ububasha, umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo wanze gutanga ikimenyetso nta mpamvu yemewe, ashobora kugerwaho n'ingaruka zo gutsindwa urubanza cyangwa gutsindwa mu kibazo gisuzumwa. (2) Uretse igihe amategako abiteganya ukundi, iyo uwanze gutanga ikimenyetso ari undi muntu utari umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo, ahamagazwa imbere y'urwego rufite ububasha agasobanura impamvu atagitanga. Umucamanza cyangwa usuzuma ikibazo ashobora kumufatira igihano cyo gutanga amafaranga y'ubukererwe, ashobora kubarwa buri muni, buri cyumweru cyangwa buri kwezi, kimuhatira gutanga ikimenyetso. (3) Amafara y'ubukererwe avugwa mu	(1) Following the decision by the competent organ, a party to the claim or one of the contending parties who refuses, without valid reasons, to produce an evidence may lose the case as consequence. (2) In case the person who refused to produce an evidence is a third party, he or she is summoned before the competent organ to justify such a refusal, unless the law provides otherwise. A Judge or any other adjudicator may sanction him or her to the payment of late penalties which may be calculated on a daily, weekly or monthly basis in order to compel him or her to produce the evidence. (3) Where the sanction applies to a	(1) Conformément à la décision de l'organe compétent, la partie au différend ou l'une des parties contestantes qui refuse, sans motif valable, de produire un élément de preuve peut, comme conséquence, perdre l'affaire. (2) Lorsque la personne qui refuse de produire une preuve est une tierce personne, elle est invitée devant l'organe compétent à présenter les raisons de son refus, à moins que la loi en dispose autrement. Le juge ou toute autre personne qui statue sur le différend peut le sanctionner au paiement des pénalités de retard pouvant être calculées journalièrement, hebdomadairement ou mensuellement afin de l'obliger à produire la preuve. (3) Lorsque la sanction s'applique à une

gika cya (2) cy'iyi ngingo acibwa umuntu ku giti cye ntashobora kurenga 5.000 FRW ku muni, 50.000 FRW mu cyumweru na 300.000 FRW ku kwezi. Iyo uwanze gutanga ikimenyetso ari urwego rwa Leta, isosiyete, koperative, ubufatanye mu bucuruzi, ubwizerane, fondasiyo, n'umuryango ufite ubuzimagatozi cyangwa undi muryango w'abantu hatitawe ku miterere yawo, amafaranga y'ubukerererwe acibwa ntashobora kurenga 50.000 FRW ku muni, 200.000 FRW mu cyumweru na 1.000.000 FRW ku kwezi.	physical person, the amount of late penalties referred to in Paragraph (2) of this Article cannot go beyond FRW 5,000 daily, FRW 50,000 weekly and FRW 300,000 monthly. When the person refusing to produce evidence is a public institution, a company, a cooperative, a partnership, a Trust, a Foundation or any other legal entity irrespective of their nature, the late penalties cannot go beyond FRW 50,000 daily, FRW 200,000 weekly and FRW 1,000,000 monthly.	personne physique, le montant des pénalités de retard mentionné au paragraphe (2) du présent article ne peut excéder 5.000 FRW par jour, 50.000 FRW par semaine et 300.000 FRW par mois. Lorsque la personne refusant de produire la preuve est un établissement public, une société commerciale, une coopérative, une société de personnes, une fiducie, une fondation ou toute autre personne morale quelle que soit sa nature, les indemnités de retard ne peuvent excéder 50. 000 FRW par jour, 200. 000 FRW par semaine et 1. 000. 000 FRW par mois.
<u>Ingingo ya 6: Ubwoko bw'ibimenyetso bishingirwaho</u> Urwego rufite ububasha rufata icyemezo ku byo rwashyikirijwe hakurikijwe ubwoko bw'ibimenyetso bihuje na kamere y'ikiburanwa cyangwa y'ikibazo kiri mu mpaka.	<u>Article 6: Applicable types of evidence</u> Any competent organ decides a claim before it in accordance with the types of evidence applicable to the nature of that claim.	<u>Article 6 : Types de preuves applicables</u> Tout organe compétent statue sur un différend dont il est saisi conformément aux types de preuve applicables à la nature de ce différend.
<u>Ingingo ya 7 : Ibubujijwe mu gushaka ikimenyetso</u> Birabujijwe gushaka ikimenyetso hakoreshejwe iyicarubozo, ibikorwa bitesha agaciro umuntu, uburiganya cyangwa ubundi	<u>Article 7: Prohibited ways of collecting evidence</u> Collecting evidence through torture, degrading acts, fraud or any other means that are contrary to the law is prohibited.	<u>Article 7 : Moyens prohibés de recueillir les preuves</u> Il est interdit de recueillir la preuve par torture, acte dégradant, ruse ou tout autre moyen contraire à la loi.

buryo bunyuranyije n'amategako. <u>Ingingo ya 8:</u> Gutanga ikimenyetso hakoreshejwe inyandiko ihamya Ikimenyetso gishobora gutangwa hakoreshejwe uburyo bw'inyandiko ihamya. <u>UMUTWE WA III: IBIMENYETSO MU MANZA CYANGWA MU BIBAZO MBONEZAMUBANO</u> <u>Iciviro cya mbere:</u> Ibimenyetso byanditse <u>Akicro ka mbere:</u> Inyandiko mvaho n'inyandiko bwite <u>Ingingo ya 9:</u> Ibigize ikimenyetso cyanditse Ikimenyetso cyanditse kigizwe n'urwunge rw'inyuguti, urw'ibimenyetso, urw'imibare cyangwa ikimenyetso ubwacyo cyifitemo igisobanuro cyumvikana, hatitawe ku kintu byanditseho n'uburyo bihererekanywamo. <u>Ingingo ya 10:</u> Agaciro k'inyandiko mvaho (1) Inyandiko mvaho ikemura impaka kuri bese mu byerekeye ibiyivugwamo umuntu ufite	<u>Article 8:</u> Presenting evidence by an authentication deed Evidence may be presented in the form of an authentication deed. <u>CHAPTER III: EVIDENCE IN CIVIL MATTERS</u> <u>Section One:</u> Documentary evidence <u>Subsection One:</u> Authentic and private deeds <u>Article 9:</u> Components of the documentary evidence Documentary evidence consists of a set of letters, characters, numbers or other signs or symbols endowed with an intelligible meaning, regardless of their medium and the way they are transmitted. <u>Article 10:</u> Probative value of the authentic deed (1) The authentic deed witnessed by a competent person in the capacity of a witness or agent within the limit of his	<u>Article 8 :</u> Production de la preuve par acte d'authentification La preuve peut être produite sous la forme d'un acte d'authentification. <u>CHAPITRE III : PREUVE EN MATIÈRE CIVILE</u> <u>Section première :</u> Preuve documentaire <u>Sous-section première :</u> Acte authentique et acte sous seing privé <u>Article 9 :</u> Éléments de la preuve documentaire La preuve documentaire consiste en un ensemble de lettres, de caractères, de chiffres ou d'autres signes ou symboles dotés d'une signification intelligible, quels que soit leur support et leur mode de transmission. <u>Article 10 :</u> Valeur probante de l'acte authentique (1) L'acte authentique dont témoigne une personne compétente en qualité de témoin ou d'agent dans la limite de sa
---	--	---

ububasha bwo kuyikora yabereye umuhamya cyangwa yakoze ariko atarengeje ibyo yari ashinzwe gukora. Nta muntu ushobora guhakana ibivugwa mu nyandiko mvaho, keretse bikurikiranywe ku cyaha cyo guhimba cyangwa guhindura inyandiko. (2) Ku byerekeye ibindi ihamya, ibyo ivuga n'ukuri kw'abafitanye ikibazo, inyandiko mvaho yemerwa iyo itavugurujwe n'ikindi kimenyetso cyanditswe cyangwa cyunganiwe n'intangiriro y'ikimenyetso cyanditse, iyo ihakanwa n'uwashyizeho igikumwe cyangwa umukono; iyo ihakanwa n'undi muntu ashobora kubitangira ikindi kimenyetso cyose cyemerwa n'amategeko. (3) Inyandiko igaragara nk'aho ari mvaho ariko uwayanditse atabifitiye ububasha cyangwa ubushobozi cyangwa yanditse mu buryo budakurikije amategeko, igira agaciro k'inyandiko bwite iyo iriho igikumwe cyangwa umukono by'ababuranyi cyangwa by'abantu bafitanye ikibazo.	or her mission is reliable and binding towards concerned parties. Provisions of the authentic deed cannot be challenged except through prosecution for forgery or falsification. (2) An authentic deed is reliable for other contents, enunciations and sincerity of parties if it is not challenged through any other documentary evidence or by any evidence supported by a commencement of proof in writing, if it is refuted by a person who affixed his or her fingerprint or signature on it, or in case it is attacked by a third party, the later may challenge it by any other legally accepted evidence. (3) A deed that appears to be authentic because it was drawn by an incompetent person or if it was drawn through unlawful means is treated as a private deed if it bears the fingerprints or signatures of parties.	mission fait foi et est contraignant envers tous. Personne ne peut contester les mentions de l'acte authentique si ce n'est que par voie de poursuite pénale en faux ou usage de faux. (2) L'acte authentique ne fait foi des autres dispositions, énonciations et de la sincérité des parties que lorsqu'il n'est contredit au moyen d'une preuve écrite ou appuyée d'un commencement de preuve par écrit, ou s'il est attaqué par une personne qui y a mis son empreinte digitale ou sa signature, ou lorsqu'il est attaqué par une tierce personne, cette dernière peut présenter toute autre preuve acceptable par la loi. (3) Un acte à apparence d'authenticité parce qu'il a été établi par une personne incompétente parce qu'il est rédigé sans respecter les formalités prescrites par la loi. Cet acte est considéré comme sous seing privé tant qu'il porte les empreintes digitales ou les signatures des parties.
---	---	--

<u>Ingingo ya 11: Agaciro k'inyandiko bwite</u> Inyandiko bwite yemewe n'uwo bayiregesha cyangwa amategeko afata nk'iyemewe iba gihamya kugeza igihe ivugurujwe n'ikindi kimenyetso cyanditse cyangwa intangiriro y'ikimenyetso cyanditse iyo ihakanwa n'uburyo bwemewe n'amategeko iyo ihakanwa n'undi muntu utari mu bayishyizeho igikumwe cyangwa umukono, cyangwa ivugurujwe n'ubundi buryo bwemewe n'amategeko iyo ihakanwa n'undi muntu utashyize igikumwe cyangwa umukono ku nyandiko.	<u>Article 11: Probative value of a private deed</u> A private deed admitted by the person against whom it is invoked or which is otherwise legally admitted is reliable until proven otherwise in writing or supported by a commencement of proof in writing if it is refuted by a party to it, or until it is challenged through any other legal means if it is refuted by a third party to the deed, except for the provisions regarding opposability of the date to third parties who are not parties to the deed.	<u>Article 11 : Valeur probante de l'acte sous seing privé</u> Un acte sous seing privé admis par celui auquel on l'oppose ou légalement admis d'une autre manière fait foi jusqu'à la preuve du contraire faite par écrit ou appuyée d'un commencement de preuve par écrit lorsqu'il est attaqué par une partie à l'acte ou, de toute voie de droit, lorsqu'il est attaqué par un tiers à l'acte, à l'exception des dispositions concernant l'opposabilité de la date aux tiers qui ne sont pas parties à l'acte.
<u>Ingingo ya 12: Itariki nyakuri y'inyandiko bwite ku bireba abandi bantu</u> Itariki iri mu nyandiko bwite ifatwaho ukuri n'abatarayishyizeho igikumwe cyangwa umukono, iyo kuyiha itariki ya mbere y'iri mu nyandiko bidashoboka. Ibyo bibaho nko mu bihe bikurikira: (a) iyo inyandiko bwite yanditswe mu gitabo cyabigenewe, itariki nyakuri iba ari igihe iyandikwa ryabereye; (b) iyo ibiteganywa n'inyandiko bigaragazwa n'inyandiko mvaho,	<u>Article 12: Exact date of a private deed with regard to third parties</u> A private deed has no exact date with respect to third parties until antedate has become impossible. This is so in particular: (a) if the private deed is officially registered, the date considered definite is that of registration; (b) if the provisions of the deed are proved by an authentic deed, the	<u>Article 12 : Date certaine de l'acte sous seing privé à l'égard des tiers</u> L'acte sous seing privé n'a de date certaine à l'égard des tiers que lorsque l'antedate est devenue impossible. Il en est ainsi notamment : (a) si l'acte sous seing privé a été officiellement enregistré, la date certaine est celle de l'enregistrement; (b) si le contenu de l'acte peut être constaté par un acte authentique, le

inyandiko ifatwa ko yashyizweho igikumwe cyangwa umukono umunsi yemerejweho ko ari ukuri; (c) iyo uwashyize igikumwe cyangwa umukono ku nyandiko cyangwa umwe mu bayishyizeho igikumwe cyangwa umukono yapfuye cyangwa agize ubumuga bwa burundu butuma adashobora gukora inyandiko, itariki nyakuri yo gushyiraho igikumwe cyangwa umukono iba ari igihe urupfu cyangwa ubumuga bwa burundu byabereye.	document is taken to have been made on the date of authentication; (c) if the party or one of the signatories died or faces permanent disability making him or her incapable to make an act, the definite date of signature is considered to be that of occurrence of death or permanent disability.	document est réputé établi au jour de l'authentification de cet acte; (c) si une partie ou l'un des signataires est décédé ou est frappé d'une incapacité permanente le rendant incapable d'établir un acte, la date certaine de signature est considérée comme celle de la survenance du décès ou de l'incapacité permanente.
<u>Ingingo ya 13:</u> Agaciro k'inyandiko bwite ireba amasezerano magirirane (1) Inyandiko bwite ikubiyemo amasezerano magirirane yemerwa gusa iyo yashyizweho igikumwe cyangwa umukono cyangwa yemewe n'abantu bose bayagiranye, abazungura babo cyangwa ababahagarariye. (2) Abagirana amasezerano bafite inyungu zitandukanye bashobora kwandika amasezerano y'umwimerere angana n'umubare wabo.	<u>Article 13:</u> Validity of a synallagmatic private deed (1) A private synallagmatic deed is only valid if it bears a fingerprint or if it is signed or accepted by all parties to the agreement, their heirs or their proxies. (2) The parties with different interests may make as many original documents of the agreement as their number.	<u>Article 13 :</u> Validité d'un acte sous seing privé synallagmatique (1) L'acte sous seing privé qui constate une convention synallagmatique n'est valable que s'il porte une empreinte digitale ou s'il est signé ou reconnu par toutes les parties contractantes, leurs successeurs ou leurs mandataires. (2) Les parties ayant des intérêts différents peuvent faire autant d'originaux de contrat qu'il y a de parties.

(3) Amasezerano y'umwimerere agaragaza umubare w'imyimerere yanditse kandi agomba kuba yanditswe ku buryo atakongerwamo andi magambo, imibare cyangwa ikindi kintu, kandi ashyizweho igikumwe cyangwa umukono n'abayagiranye bese. (4) Kutagaragaza umubare w'imyimerere si impamvu itesha agaciro inyandiko y'umwimerere yashyizweho igikumwe cyangwa umukono mu buryo bwemewe, kandi ntibishobora kuburanishwa n'uwubahirije inshingano zimureba zikomoka ku masezerano ayikubiyemo.	(3) The original document of the agreement states the number of the original copies made and must be complete to the extent of not adding other notes, numbers or anything else and bear the fingerprint or signature of all parties to the contract. (4) The omission of formality to mention the number of the original copies made does not invalidate the original document that bears the fingerprint or signature and may not be opposed by a party who has executed his or her part of the agreement.	(3) L'original du contrat mentionne le nombre des originaux qui ont été faits et doit être complet pour ne pas permettre les mentions supplémentaires de mots, de chiffres ou de toute autre chose et porter l'empreinte digitale ou la signature de toutes les parties. (4) L'omission des formalités portant mention du nombre des originaux n'est pas cause de nullité du document original dûment portant l'empreinte digitale ou signé et ne peut être opposé par celui qui a exécuté de sa part la convention portée dans l'acte.
<u>Ingingo ya 14: Inkurikizi y'inyandiko</u> Inyandiko mvaho cyangwa inyandiko bwite imara impaka abagiranye amasezerano ndetse no ku biyivugwamo biteruye, icyangombwa ni uko biba bifitanye isano ya hafi n'ibyo iyo nyandiko ihamya. Ibivugwa bidafitanye isano ya hafi n'ibyo iyo nyandiko ihamya bishobora gufatwa nk'intangiriro y'ikimenyetso cyanditse ku byerekeye abagiranye amasezerano bonyine.	<u>Article 14: Binding effect of a deed</u> An authentic deed or a private deed is considered binding between the contracting parties even on such matters expressed only in the form of a statement as long as the statement has direct relevance to the agreement. The statement which has no direct relevance to the agreement is considered as the commencement of evidence in writing only for parties to the agreement.	<u>Article 14 : Effet contraignant d'un acte</u> L'acte authentique ou l'acte sous seing privé fait foi entre les parties, même de ce qui n'y est exprimé qu'en termes énonciatifs, pourvu que l'énonciation ait un rapport direct avec sa disposition. L'énonciation n'ayant pas de rapport direct avec la disposition est considérée comme le début d'une preuve écrite uniquement pour les parties à l'accord.

<u>Ingingo va 15:</u> Inyandiko nsezeranyabwishyu cyangwa isezeranya bwite (1) Inyandiko nsezeranyabwishyu cyangwa isezeranya bwite umwe mu basezerana yemerasha ko azishyura undi amafaranga cyangwa ikintu gifite agaciro bigomba kuba biriho igikumwe cye cyangwa umukono we ndetse n’umubare w’amafaranga cyangwa uw’ingano y’icyo kintu mu nyuguti n’imibare. (2) Icyakora, isezerano ry’uruhande rumwe ririhho igikumwe cyangwa umukono by’uwaryemeye rishobora guhinirwa ku buryo bwemewe mu magambo “niyemereye ubwanjye”, hagakurikiraho umubare w’amafaranga cyangwa w’agaciro k’ikintu wanditse mu mibare hagakurikiraho uwanditse mu nyuguti bishyizwe mu dukubo. Iyo binyuranye, ibyanditse mu nyuguti ni byo bigira agaciro. <u>Ingingo va 16:</u> Ukudahura k’umubare wanditse mu masezerano Iyo umubare wavuzwe mu nyandiko bwite utandukanye n’uwavuzwe ku magambo	<u>Article 15:</u> Promissory note or private promise (1) A promissory note or private promise by which one party commits himself or herself to another to pay a sum of money or a substantial consideration must bear the fingerprint or signature of the author as well as the amount or the quantity of that consideration in words and numbers. (2) However, a unilateral agreement bearing a fingerprint or signed by the concerned party may be validly summarised by the note “valid or approved for” followed by the sum or value of the consideration in numbers followed by the same amount written in words between brackets. In case of contradiction, the sum or value written in words prevails. <u>Article 16:</u> Inconsistency in the figure expressed in a private deed In case the figure mentioned in a private deed differs from that mentioned in “valid or	<u>Article 15 :</u> Billet à ordre ou promesse sous seing privé (1) Un billet à ordre ou une promesse sous seing privé par lequel une partie s’engage envers l’autre à lui payer une somme d’argent ou une chose appréciable doit porter son empreinte digitale ou sa signature ainsi que la mention de la somme ou de la quantité en lettres et en chiffres. (2) Toutefois, l’engagement unilatéral portant l’empreinte digitale ou la signature de la partie concernée peut être valablement résumé par la mention “bon ou approuvé pour”, suivie de l’indication du montant de la somme ou de la valeur de chose appréciable en chiffres suivi de la même indication en lettres et entre parenthèses. En cas de contradiction, le montant en lettres prévaut. <u>Article 16 :</u> Incohérence du montant exprimé dans un acte sous seing privé Lorsque le montant exprimé au corps de l’acte sous seing privé est différent de celui
--	--	--

“niyemeje kwishyura”, inshingano ifatwa ko ireba gusa umubare muto, nubwo inyandiko bwite n’ayo magambo byaba byarandikishijwe mu magambo yose n’intoki z’uwiyeje inshingano, keretse iyo habonetse gihamya cy’aho ikosa riherereye. <u>Ingingo ya 17:</u> Agaciro k’inyandiko y’umucuruzi hagati y’umucuruzi n’utari umucuruzi (1) Inyandiko y’umucuruzi ntishobora kuba igihamya gitsindisha utari umucuruzi ko ibyanditswemo yabihawe. icyakora, inyandiko y’umucuruzi ishobora kwemerwaho igihamya gitsinda umucuruzi ubwe. (2) Umuntu usaba ko inyandiko y’umucuruzi ishingirwaho ntashobora kwemera ibyanditsemo bimwe ngo ahakane ibindi bidahuje n’invugo ye, iyo iyo nyandiko yanditswe mu buryo bukurikije amategeko. <u>Ingingo ya 18:</u> Agaciro k’inyandiko y’umucuruzi hagati y’abacuruzi ubwabo Mu manza cyangwa ibibazo byerekeye ubucuruzi, inyandiko y’ubucuruzi ishobora	approved for” note, the obligation is presumed to be concerned with the lesser figure, even if the private deed and the note were handwritten in words by the party committing himself or herself, unless the basis of the error is proved. <u>Article 17:</u> Probative value of traders’ documents between traders and non-traders (1) A trader’s document is not binding on people not engaged in commerce as proof of goods supplied. However, a trader’s document may be admitted as evidence against the trader him or herself. (2) A person seeking to rely on a trader’s document as evidence may not reject the contents of the document contrary to his or her allegations where the document is duly registered. <u>Article 18:</u> Probative value of traders’ documents between traders themselves In cases or issues related to business, the business document may be accepted as an	exprimé à la mention « bon ou approuvé pour », l’obligation est présumée n’être que du montant moindre, même si l’acte sous seing privé et la mention sont écrits en entier de la main de celui qui s’est obligé, à moins d’une preuve de quel côté est l’erreur. <u>Article 17 :</u> Valeur probante des documents des commerçants entre commerçants et non-commerçants (1) Un document d’un commerçant ne peut lier une personne non engagée dans le commerce comme preuve des marchandises fournies. Toutefois, un document d’un commerçant peut-être admis comme preuve contre le commerçant lui-même. (2) Une personne qui veut tirer avantage d’un document d’un commerçant ne peut le diviser en ce qu’il contient de contraire à sa prétention, si le document est dûment enregistré. <u>Article 18 :</u> Valeur probante des documents des commerçants entre commerçants eux-mêmes Dans les affaires ou les différends commerciaux, un document commercial peut
--	---	--

kwemerwa ho ikimenyetso n'urwego rufite ububasha hagati y'abacuruzi ubwabo. <u>Ingingo ya 19:</u> Gusaba inyandiko z'abacuruzi Urwego rufite ububasha rushobora, mu gihe ikibazo kigisuzumwa, gusaba inyandiko z'abacuruzi, ndetse n'iyo nta n'umwe mu bafitanye ikibazo ubisabye, mu gihe zifitiye akamaro imigendekere myiza y'isuzuma ry'ikibazo. <u>Ingingo ya 20:</u> Agaciro k'inyandiko yo mu rugo Inyandiko yo mu rugo ntibera uwayanditse ikimenyetso kimufitiye akamaro. Icyakora, ishobora kubera uwayanditse igihamba gishobora kumutsindisha. <u>Ingingo ya 21:</u> Agaciro k'inyandiko y'inyongera ku nyandiko nyirizina Iyo uberewemo umwenda yanditse ku nyandiko nyirizina yasigaranye avuga ko uwari umubereyemo umwenda yamwishyuye, biba ikimenyetso cyemeza ko yishyuye, n'iyo atabishyizeho igikumwe cyangwa umukono we n'itariki.	evidence by the competent organ between the businesspersons themselves. <u>Article 19:</u> Request for production of traders' documents The competent organ may, during hearing of a claim, order the presentation of trader's documents, even <i>ex officio</i>, for any useful purpose in the assessment of the claim. <u>Article 20:</u> Probative value of domestic document A domestic document written by a party does not constitute an evidence towards him or her. However, a domestic document written by a party is invoked against the party. <u>Article 21:</u> Probative value of annotations to the deed An annotation made by a creditor to the deed with which he or she remained indicating the debtor's discharge of liability constitutes evidence of a debtor's discharge from liability even if it does not bear the fingerprint or signature of the creditor, and the date.	être accepté comme preuve par l'organe compétent entre commerçants eux-mêmes. <u>Article 19 :</u> Ordonner la présentation des documents des commerçants L'organe compétent peut, au cours de l'examen d'un différend, ordonner la présentation des documents des commerçants, même d'office, pour toute fin utile de l'examen du différend. <u>Article 20 :</u> Valeur probante d'un document domestique Un document domestique rédigé par une partie ne constitue pas une preuve à son égard. Toutefois, un document domestique rédigé par une partie fait foi contre elle. <u>Article 21 :</u> Valeur probante des annotations sur l'acte Une annotation faite par un créancier sur l'acte qui est resté en sa possession, fait foi, même si elle ne porte aucune empreinte digitale ou n'est ni signé ni daté par lui, lorsqu'elle tend à établir la libération du débiteur.
--	--	--

<u>Ingingo ya 22:</u> Agaciro k'inyandiko umuntu yandikiye undi Inyandiko umuntu yandikiye undi itsindisha uwayanditse, niyo yaba atarayishyizeho igikumwe cyangwa umukono we, icyangombwa ni uko hagaragazwa ko ari we ikomokaho. Iyo nyandiko ifatwa nko kwiyeemerera ibyo umuntu aregwa bidakorewe imbere y'urwego rufite ububasha. <u>Ingingo ya 23:</u> Agaciro k'amasezerano y'ibanga Amasezerano y'ibanga agira agaciro ku bayagiranye gusa; ntagira ingaruka zabangamira abandi batari muri ayo masezerano. <u>Ingingo ya 24:</u> Agaciro k'inyandiko yemera inshingano Inyandiko yemera inshingano ntivanaho kwerekana inyandiko y'ibanze, keretse iyo ibiyivugwamo byanditswe ku buryo bw'umwihariko muri iyo nyandiko. Ibiyivugwamo bitari mu nyandiko y'ibanze cyangwa binyuranye n'ibiyanditsemo ntibigira agaciro. icyakora, iyo hari inyandiko nyinshi ziyemerera inshingano	<u>Article 22:</u> Probative value of a document sent by a person to another A document that a person sends to another is used as evidence against its author, even if it bears no fingerprint or a signature of his or her, as long as it may be established that it emanated from the authoring party. The document constitutes an admission made outside of the competent organ. <u>Article 23:</u> Probative value of counter-letters A counter-letter produces effects only towards contracting parties; it is ineffective against third parties. <u>Article 24:</u> Probative value of a recognitive act A recognitive act does not preclude the presentation of the primordial act unless its content particularly is spelt in the document. The content of a recognitive act not contained in the primordial act or which is contrary to it is of no effect. However, if there are several similar recognitive acts in possession of the creditor, and one of them is dated 30 years	<u>Article 22 :</u> Valeur probante d'un document envoyé par une personne à une autre Un document qu'une personne envoie à une autre fait foi contre son auteur, même s'il ne porte pas son empreinte digitale ou sa signature, pourvu qu'il soit établi qu'il émane de lui. Il constitue un aveu qui n'est pas fait devant l'organe compétent. <u>Article 23 :</u> Valeur probante des contre-lettres Les contre-lettres ne peuvent produire d'effets qu'entre les parties contractantes ; elles n'ont point d'effets contre les tiers. <u>Article 24 :</u> Valeur probante d'un acte reconnaissant L'acte reconnaissant ne dispense point de la représentation de l'acte primordial à moins que sa teneur n'y soit particulièrement relatée. Ce qu'ils contiennent de plus que l'acte primordial ou ce qui s'y trouve de différent, n'a aucun effet. Toutefois, s'il y a plusieurs actes reconnaissants conformes détenus par le créancier et dont l'un d'eux est daté 30
--	---	--

zisa, zikaba kandi zifitwe n’ugenewe inshingano, inyandiko imwe muri zo ikaba imaze imyaka 30, ugenewe inshingano ashobora kuvanirwaho kwerekana inyandiko y’ibanze.	back, the creditor may be relieved from presentation of the primordial act.	ans, le créancier peut être dispensé de présenter l’acte primordial.
<u>Ingingo ya 25:</u> Inyandiko ishimangira cyangwa yemeza inshingano	<u>Article 25:</u> Act of confirmation or ratification	<u>Article 25 :</u> Acte confirmatif ou de ratification
(1) Inyandiko ishimangira cyangwa yemeza inshingano itegeko ryemera ko iyo nshingano ishobora guteshwa agaciro cyangwa gukurwaho n’urwego rufite ububasha, iyo nyandiko igira agaciro gusa iyo igaragaza – (a) ireme ry’iyo nshingano; (b) impamvu yari gutuma iyo nshingano iteshwa agaciro cyangwa ikurwaho; (c) n’ikigambiriwe mu gukosora inenge iyo nshingano yari ifite. (2) Iyo nta nyandiko ishimangira cyangwa yemeza inshingano, birahagije ko inshingano irangizwa ku bushake nyuma y’irangira ry’igihe yagombaga gushimangirwa cyangwa kwemezwa.	(1) The act of confirmation or ratification against which the law admits the action of nullity or for rescission by the competent authority is valid only when it indicates – (a) the substance of that obligation; (b) grounds of the action of rescission; and (c) the intention to rectify the defect on which that action is founded. (2) In default of an act of confirmation or ratification, it is sufficient that the obligation be voluntarily executed after the expiration of the period the obligation could have been confirmed or ratified.	(1) L’acte de confirmation ou de ratification d’une obligation contre laquelle la loi admet l’action en nullité ou en rescision par l’autorité compétente n’est valable que lorsqu’il indique – (a) la substance de cette obligation; (b) la mention du motif de l’action en rescision; et (c) l’intention de réparer le vice sur lequel cette action est fondée. (2) À défaut d’acte de confirmation ou ratification, il suffit que l’obligation soit exécutée volontairement après la période à laquelle l’obligation pouvait être valablement confirmée ou ratifiée.

(3) Ugushimangira, ukwemeza cyangwa ukurangiza nta gahato inshingano bikozwe mu buryo bukurikije ibiteganywa n'amategeko bihwaye no kureka ingingo n'imyiregurire byashoboraga gutangwa mu mpaka zerekeye iyo nyandiko, mu gihe bitabangamiye uburenganzira bw'abandi batarebwa n'amasezerano.	(3) Confirmation, ratification or voluntary execution of obligations in accordance with provisions of the law is equivalent to renunciation of facts and defence that might be submitted during the argument relating to the act but which are not prejudicial to the rights of persons who are not parties to the contract.	(3) La confirmation, la ratification ou l'exécution volontaire fait conformément aux dispositions légales emporte la renonciation aux moyens et exceptions que l'on pouvait opposer contre cet acte, pourvu qu'elle ne porte pas préjudice au droit des tiers à l'acte.
<u>Ingingo ya 26:</u> Agaciro k'intangiriro y'ikimenyetso cyanditse Intangiriro y'ikimenyetso cyanditse igira agaciro iyo yunganiwe n'ibindi bimenyetso.	<u>Article 26:</u> Probative value of commencement of proof in writing Commencement of proof in writing is valid only if supported by other evidence.	<u>Article 26 :</u> Valeur probante du commencement de preuve par écrit Le commencement de preuve par écrit n'est valable que dans la mesure où il est appuyé par d'autres preuves.
<u>Ingingo ya 27:</u> Agaciro ka kopi y'inyandiko y'umwimerere (1) Kopi y'inyandiko y'umwimerere umuntu ubiherwa ububasha n'itegeko abitse igira agaciro aho ari ho hose bitabaye ngombwa gutanga gihamya y'ububasha, y'igikumwe cyangwa y'umukono by'uwo muntu. (2) Kopi cyangwa indi nyandiko yose ikomoka ku nyandiko y'umwimerere yateweho icyemezo cy'uko ihuye	<u>Article 27:</u> Probative value of copies of an original document (1) A copy of an original document possessed by a legally authorised person is valid to all without necessarily proving the authority, the fingerprint or signature of that person. (2) A certified copy or any other certified reproduction of the original document is always a reliable proof until proven	<u>Article 27 :</u> Valeur probante de copies de l'original d'un document (1) La copie de l'original d'un document dont la personne légalement autorisée en est dépositaire fait foi à l'égard de tous sans qu'il soit nécessaire de prouver la qualité ni l'empreinte digitale ou la signature de cette personne. (2) La copie ou toute autre reproduction de l'original, certifiée conforme à l'original, fait foi jusqu'à preuve du

n'inyandiko y'umwimerere igira agaciro igihe cyose itaravuguruzwa n'ikindi kimenyetso. (3) Kopi idateyeho icyemezo cy'uko ihuye n'inyandiko y'umwimerere igira agaciro igihe yunganiwe n'ikindi kimenyetso iyo inyandiko y'umwimerere idashobora kuboneka. <u>Akiciro ka 2: Itangwa n'igenzura ry'inyandiko</u> <u>Ingingo ya 28: Ihakana ry'inyandiko bwite</u> (1) Umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo uregashwa inyandiko bwite ashobora guhakana ko atariwe cyangwa umuhagarariye wayanditse, wayishyizeho igikumwe cyangwa umukono. (2) Umuzungura cyangwa uwahawe indagano yemerewe kuvuga ko uwo azunguye, uwamuhaye indagano cyangwa ubahagarariye atari we wanditse inyandiko bwite, wayiteyeho igikumwe cyangwa wayishyizeho umukono.	otherwise. (3) A copy which is not certified true copy of the original is valid only if supported by any other evidence when the original copy cannot be produced. <u>Subsection 2: Production and verification of documents</u> <u>Article 28: Denial of a private deed</u> (1) A party against whom a private deed is introduced may deny that it is not him or her or his or her representative that handwrote, fingerprinted or signed it. (2) An heir or legatee is allowed to declare that the testator, legator or their respective representative is not the author of the handwriting, fingerprint or signature.	contraire. (3) La copie de l'original, non certifiée conforme à l'original, n'est valable que dans la mesure où elle est appuyée par d'autres preuves lorsque l'original ne peut pas être produit. <u>Sous-section 2 : Production et vérification des documents</u> <u>Article 28 : Dénî d'un acte sous seing privé</u> (1) La partie contre laquelle un acte sous seing privé est introduit peut nier que ce n'est pas elle ou son représentant qui l'a écrit à la main, y a apposé ses empreintes digitales ou l'a signé. (2) Il est permis au légataire de déclarer que la personne dont il est héritier, le testateur ou leur représentant respectif n'est pas l'auteur de l'acte sous seing privé, d'une empreinte digitale ou d'une signature.
--	---	--

<u>Ingingo ya 29:</u> Kudaha agaciro ihakana ry'inyandiko, iry'igikumwe cyangwa iry'umukono Iyo umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo ahakanye ko ari we wanditse inyandiko, wayishyizeho igikumwe cyangwa umukono cyangwa akavuga ko iyo nyandiko itari iy'uwo bitirira ko yayanditse, urwego rufite ububasha rushobora kubirengaho rugafata icyemezo, iyo rufite ibimenyetso bigaragaraza ko iyo ngoboka ari uburyo bwo gutinza urubanza cyangwa ikemurwa ry'ikibazo cyangwa ko nta cyo byafasha mu gufata icyemezo kandi nta wasabye isuzumwa ry'inyandiko. <u>Ingingo ya 30:</u> Uburyo bwo gusuzuma inyandiko (1) Iyo habaye ihakana ry'inyandiko, urwego rufite ububasha rubisabwe n'umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo cyangwa rubyibwirije mu nyungu z'ubutabera rutegeka ko iyo nyandiko isuzumwa. (2) Urwego rufite ububasha rufatira inyandiko yahakanywe cyangwa itemerwa ko izwi hagakorwa inyandikomvugo igaragaza imiterere n'iby'ingenzi bigize iyo nyandiko	<u>Article 29:</u> Disregarding the denial of handwriting, fingerprint or signature If a party contests the handwriting, fingerprint or signature attributed to him or her, or claims ignorance of the handwriting attributed to its author, the competent organ may disregard it and takes a decision if it has evidence that the plea is purely dilatory or irrelevant to the taking of decision on the dispute and if no request for verification of the writing was made. <u>Article 30:</u> Document verification procedure (1) In case of denial of a deed, the competent organ, upon request by one of the parties or on its own initiative in the interest of justice orders the verification of such a deed. (2) The competent organ seizes any disavowed or contested document, which is subjected to a minute indicating its major features and content and bearing the fingerprint or	<u>Article 29 :</u> Rejet de déni d'une écriture, d'une empreinte digitale ou d'une signature Lorsqu'une partie conteste l'écriture, l'empreinte digitale ou la signature qui lui est attribué, ou affirme l'ignorance de l'écriture attribuée à son auteur, l'organe compétent peut passer outre et décider s'il a des preuves que ce moyen est purement dilatoire ou sans intérêt pour prendre la décision sur le litige et si aucune demande de vérification de l'écriture n'est faite. <u>Article 30 :</u> Procédure de vérification d'un document (1) En cas de dénie d'un acte, l'organe compétent, sur demande de l'une des parties ou de sa propre initiative dans l'intérêt de la justice, ordonne la vérification dudit acte. (2) L'organe compétent procède à la saisie de tout document désavoué ou non reconnu et cette saisie fait l'objet d'un procès-verbal qui donne les principaux caractéristiques et contenu
--	--	---

yahakanywe, umucamanza cyangwa umuntu ukemura ikibazo agashyiraho igikumwe cyangwa umukono akanasaba ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo ko na bo bayishyiraho igikumwe cyangwa umukono. (3) Urwego rufite ububasha rugena impuguke rugategeka ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo kurushyikiriza inyandiko zo kugereranyirizaho rukaziha impuguke. <u>Ingingo ya 31:</u> Gutanga inyandiko ibitswe n'undi muntu kugira ngo hakorwe igereranya Iyo inyandiko yo kugereranyirizaho ibitswe n'undi muntu utari umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo, urwego rufite ububasha rutegeka uyibitse kuyirushyikiriza, rukayikorera kopi bigakorerwa inyandikomvugo. Kopi y'iyo nyandiko yandikwaho ko umwimerere wayo ubitswe n'Urwego rufite ububasha, igashyirwaho amazina y'umucamanza cyangwa ay'ukemura ikibazo n'igikumwe cyangwa umukono we. Iyo kopi ibikwa n'uwari usanganywe inyandiko y'umwimerere kugira	signature of the judge or any other adjudicator who also invites the parties to affix their fingerprints or signatures thereon. (3) The competent organ appoints an expert and orders the parties to produce the documents required for comparison and which it provides, in turn, to the expert. <u>Article 31:</u> Submission of document by third party for comparison If the document required for comparison is in the hands of a third party, the competent organ orders that party to submit it to the organ which produces a copy and minutes thereof. Such a copy indicates that the original document is kept by the competent organ and bears the names of the adjudicator and his or her fingerprint or signature. This copy is kept by the custodian of the original copy in order to replace the original document until it is returned.	du document alors que le juge ou toute autre personne qui statue sur le différend y appose son empreinte digitale ou sa signature et invite les parties à y appose également leurs empreintes digitales ou leurs signatures. (3) L'organe compétent désigne un expert et ordonne aux parties de produire les documents de comparaison que cet organe fournit à son tour à l'expert. <u>Article 31 :</u> Remise d'un document conservé par un tiers à des fins de comparaison Lorsque le document de comparaison est détenu par un tiers, l'organe compétent lui ordonne de le lui apporter pour en faire une copie et cela fait objet d'un procès-verbal. La copie du document mentionne que son original est tenu par l'organe compétent et porte le nom de l'adjudicateur et son empreinte digitale ou sa signature. Cette copie est conservée par la personne qui était en possession de l'original pour tenir lieu de l'original jusqu'à la remise de ce dernier.
---	---	--

ngo iyisimbure, kugeza igihe asubirijwe inyandiko y'umwimerere. <u>Ingingo ya 32:</u> Uburyo bukoreshwa iyo inyandiko zo kugereranyirizaho zitabonetse cyangwa zidahagije (1) Iyo inyandiko zo kugereranyirizaho zitabonetse cyangwa zidahagije, umucamanza cyangwa umuntu ukemura ikibazo ateguka ko uvugwaho ko ari we wanditse iyo nyandiko itangwaho ikimenyetso, wayishyizeho igikumwe cyangwa umukono, yandika amagambo amwe n'ari muri iyo nyandiko, agashyira igikumwe cyangwa umukono we ku nyandiko yo kugereranyirizaho, kandi akabikorera imbere y'impuguke. (2) Iyo uvugwaho ko ari we wanditse inyandiko, wayishyizeho igikumwe cyangwa umukono yanze kwandika ibyo yandikishwa, cyangwa yanze gushyira igikumwe cyangwa umukono ku nyandiko yo kugereranyirizaho, iyo nyandiko bamuhamya ishobora kwemerwa nk'aho ari we wayanditse, wayishyizeho igikumwe cyangwa umukono.	<u>Article 32:</u> Applicable procedure in case of lack or insufficiency of documents for comparison (1) In case of absence or insufficiency of documents for comparison, a judge or an adjudicator orders that the person presumed to be the author of the document or the person whose fingerprint or signature is appended thereon, writes a similar and appends his or her fingerprint or signature on the document for comparison in the presence of the expert. (2) If the presumed author of the document, who affixed a fingerprint or a signature on it refuses to write the dictated text, or refuses to put his or her fingerprint or signature on the document for comparison, the document he or she is alleged to have written may be admitted against that person as the one who wrote it and affixed his or her fingerprint or signature on it.	<u>Article 32 :</u> Procédure applicable en cas de défaut ou d'insuffisance de documents de comparaison (1) À défaut ou en cas d'insuffisance de documents de comparaison, le juge ou la personne qui statue sur le différend ordonne que celui qui est prétendu être l'auteur du document ou la personne dont l'empreinte digitale ou signature est apposée sur ce document, écrive le même texte et appose son empreinte digitale ou sa signature sur le document de comparaison, en présence de l'expert. (2) Lorsque le prétendu auteur d'un document qui y a apposé son empreinte digitale ou sa signature, refuse d'écrire le texte dicté, ou refuse d'apposer son empreinte digitale ou sa signature sur le document de comparaison, le document dont il est présumé être l'auteur peut être admis contre cette personne comme étant celle qui l'a rédigé et y a apposé son empreinte digitale ou sa signature.
---	---	--

<u>Ingingo ya 33: Isuzumwa ry'inyandiko, iry'igikumwe cyangwa iry'umukono bihakanwa</u> (1) Iyo imihango ivugwa kuva ku ngingo ya 28 kugeza ku ya 31 z'iri tegeko irangiye, urwego rufite ububasha rutegeka ko inyandiko, igikumwe cyangwa umukono bihakanwa bisuzumwa n'impuguke. (2) Impuguke ihabwa nibura ibi bikurikira: (i) icyemezo cy'urwego rufite ububasha cyemeza ko inyandiko, igikumwe cyangwa umukono bihakanwa bisuzumwa; (ii) inyandiko, igikumwe cyangwa umukono bihakanwa n'inyandiko mvugo y'uko byari bimeze igihe byashyikirizwaga urwego rufite ububasha; (iii) inyandiko, igikumwe cyangwa umukono bigereranyirizwaho, iyo bihari;	<u>Article 33: Verification of the disavowed or contested document, fingerprint or signature</u> (1) If formalities referred to from Article 28 to 31 of this Law are completed, the competent organ orders that the expert verifies the disavowed or contested document, fingerprint or signature. (2) the expert is given at least – (i) the decision of the competent organ attesting the claim for the verification of the disavowed or contested document, fingerprint or signature; (ii) the disavowed or contested document, fingerprint or signature and a statement indicating their status at the time they were submitted to the competent organ; (iii) the document, fingerprint or signature for comparison if any;	<u>Article 33 : Vérification, par un expert, du document, de l'empreinte digitale ou de la signature désavoués ou non reconnus</u> (1) Lorsque les formalités visées aux articles 28 à 31 de la présente loi sont accomplies, l'organe compétent ordonne la vérification, par un expert, du document, de l'empreinte digitale ou de la signature désavoués ou non reconnus. (2) il est remis à l'expert au moins – (i) la décision de l'organe compétent attestant la demande de vérification du document, de l'empreinte digitale ou de la signature désavoués ou non reconnus; (ii) le document, l'empreinte digitale ou la signature désavoués ou non reconnus ainsi que le procès-verbal de leur état lors de leur remise à l'organe compétent; (iii) le document, l'empreinte digitale ou la signature de comparaison, s'il y a lieu;
--	---	---

(iv)inyandiko mvugo y'umutangabuhamya ihamya imvugo ye, iyo ari ngombwa. (3) Iyo impuguke imaze kurahira, itangira gusuzuma inyandiko, igikumwe cyangwa umukono kandi zaba ari impuguke zirenze imwe zigafatanya iryo suzuma no gukora raporo. <u>Iciviro cya 2: Ibimenyetso bishingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga</u> <u>Ingingo ya 34: Iyemerwa n'agaciro by'ikimenyetso gishingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga</u> (1) Ikimenyetso gishatswe hakoreshejwe uburyo bushingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga cyangwa kimwe muri byo, kiremewe kandi kigira agaciro nk'ak'ibindi bimenyetso, iyo impuguke yemeje ko gihuje n'ukuri. (2) Iteka rya Minisitiri rishobora kugena uburyo bimwe mu bimenyetso bishingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga cyangwa kimwe muri byo bishakwa n'uburyo bitangwamo.	(iv)the statements of witnesses in support of their depositions, if need be. (3) After being sworn in, expert proceeds and examines the document, fingerprint or signature and if there are more than one expert they jointly carry out such an examination and produce a report. <u>Section 2: Scientific and digital evidences</u> <u>Article 34: Admissibility and probative value of scientific and digital evidence</u> (1) Evidence collected through scientific and digital means or either of them is admissible and has the same probative value as other evidence if an expert confirms its truthfulness. (2) An Order of the Minister may determine a specific procedure for the collection and presentation of some scientific and digital evidence or either evidence.	(iv)Le procès-verbal de témoins à l'appui de leurs dépositions, le cas échéant. (3) Après avoir prêté serment, l'expert procède à la vérification des documents et, en cas de plusieurs experts, ces derniers font conjointement cette vérification et dressent un rapport. <u>Section 2 : Preuves scientifiques et numériques</u> <u>Article 34 : Recevabilité et valeur probante d'une preuve scientifique et numérique</u> (1) Les preuves recueillies par des moyens scientifiques et numériques ou par l'un ou l'autre d'entre eux sont recevables et de même valeur probante que les autres preuves lorsqu'un expert confirme leur véracité. (2) Un arrêté du Ministre peut déterminer une procédure particulière de collecte et de présentation de certaines preuves scientifiques et numériques ou de l'une ou l'autre de ces preuves.
--	---	--

<u>Ingingo ya 35: Iyemerwa n'agaciro by'inyandiko koranabuhanga</u> Inyandiko koranabuhanga iremewe kandi ihabwa agaciro nk'ikimenyetso iyo yashatswe mu buryo butanyuranyije n'amategeko. <u>Ingingo ya 36: Ihame ryo gutanga umwimerere w'inyandiko koranabuhanga</u> (1) Umwimerere w'inyandiko koranabuhanga ni wo ukoreshwa mu guhamba ukuri kw'ibiyikubiyemo, keretse igihe biteganyijwe ukundi. (2) Ihame ryo gukoresha umwimerere w'inyandiko koranabuhanga riba ryubahirijwe iyo – (a) ubudakemwa bw'ububiko koranabuhanga n'ubw'uburyo inyandiko koranabuhanga yafashwemo bugaragaje ko itahinduwe; (b) kandi ubudakemwa bw'inyandiko koranabuhanga bwemejwe cyangwa budashidikanywaho.	<u>Article 35: Admissibility and probative value of an electronic record</u> An electronic record has admissibility and probative value in case it has been lawfully obtained. <u>Article 36: Principle to produce the original of electronic record</u> (1) An original of electronic record is required in order to prove its content, unless otherwise provided. (2) The principle to produce the original of electronic record is respected if – (a) the integrity of the electronic record system and of the manner in which the electronic record was produced proves that it has not been changed; and (b) the integrity of an electronic record is proven or undoubtable.	<u>Article 35 : Recevabilité et valeur probante d'un document électronique</u> Un document électronique est recevable et a une valeur probante s'il a été obtenu légalement. <u>Article 36 : Principe de produire l'original d'un document électronique</u> (1) L'original d'un document électronique est exigé pour prouver l'authenticité du contenu de ce dernier, sauf disposition contraire. (2) Le principe de produire l'original d'un document électronique est respecté lorsque – (a) la fiabilité du système d'enregistrement électronique et de la manière dont le document électronique a été produit prouve qu'il n'a pas été modifié; et (b) la fiabilité d'un document électronique est prouvée ou incontestable.
--	--	---

<u>Ingingo ya 37: Iyemerwa rya kopi y'inyandiko koranabuhanga</u> Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 35 y'iri tegeko, kopi y'inyandiko koranabuhanga ifatwa nk'inyandiko koranabuhanga y'umwimerere, iyo – (a) umwimerere wangijwe, wabuze cyangwa udashobora kuboneka; (b) cyangwa yigeze kwemerwa kandi ikanakoreshwa nk'inyandiko koranabuhanga yafashwe cyangwa yabitswe mu buryo bwa kopi.	<u>Article 37: Admissibility of an electronic record copy</u> Without prejudice to provisions of Article 35 of this Law, an electronic record copy is considered as an original electronic record if– (a) the original has been damaged, lost or cannot be found; or (b) has already been admissible and used as an electronic record produced or stored as a copy.	<u>Article 37 : Recevabilité d'une copie d'un document électronique</u> Sans préjudice des dispositions de l'article 35 de la présente loi, une copie d'un document électronique est considérée comme original lorsque– (a) l'original a été endommagé, perdu ou est introuvable; ou (b) a déjà été recevable et utilisé en tant que document électronique produit ou stocké sous forme de copie.
<u>Ingingo ya 38: Ikimenyetso gicukumbuwe gituma inyandiko koranabuhanga ifatwa nk'ifite ubudakemwa</u> Urwego rufite ububasha rufata inyandiko koranabuhanga nk'ifite ubudakemwa iyo – (a) yuzuye kandi itarahinduwe, uretse inyongera zituruka ku iyemezwa cyangwa irindi hindagurika ryose ritangiza ireme ry'ibiyivugwamo bituruka ku migendekere isanzwe y'itumanaho, imibikire cyangwa imurikwa;	<u>Article 38: Presumption of integrity of electronic record</u> The competent organ may presume the integrity of an electronic record if – (a) it remained complete and unaltered except the addition of any endorsement or any immaterial change, which arises in the normal course of communication, storage or display;	<u>Article 38 : Présomption de la fiabilité d'un document électronique</u> L'organe compétent peut présumer la fiabilité d'un document électronique lorsque– (a) il est resté complet et sans modification à l'exception de l'ajout d'une éventuelle approbation ou de tout changement immatériel qui survient dans le cours normal de la communication, du stockage ou de l'affichage;

(b) yemejwe cyangwa yashyizweho umukono koranabuhanga hakoreshejwe uburyo buteganywa n'urwego rwemerewe gutanga icyemezo; (c) ubudakemwa n'ireme by'iyo nyandiko koranabuhanga byemejwe na noteri; (d) yabitswe mu bubiko koranabuhanga budatuma yagira ibyo ihindurwaho cyangwa ubundi buryo koranabuhanga butatuma habaho ihindurwa ry'inyandiko koranabuhanga; (e) yasuzumwe kandi ubudakemwa bwayo bukaba bwaremejwe n'impuguke; (f) hatanzwe ikimenyetso gituma hemezwa ko ibyagezweho byabonetse mu gihe imikorere ya mudasobwa cyangwa ikindi gikoresho koranabuhanga cyakoraga neza, cyangwa ko mu gihe ibyo bikorasho bitakoraga neza, imikorere yabyo ntacyo yangije ku budakemwa bw'inyandiko koranabuhanga; (g) hagaragajwe ko iyo nyandiko koranabuhanga yatanze nk'ikimenyetso umuburanyi cyangwa umwe mu	(b) it was certified or has been electronically signed by use of the method specified by an accredited certification entity; (c) the integrity and content of the electronic record were notarized; (d) it was recorded in a non-rewritable electronic record system or any other electronic means that does not allow alteration of electronic record; (e) it was examined and its integrity confirmed by an expert; (f) there was evidence the results obtained at a time when the computer system or other electronic device was functioning properly, or its malfunction did not compromise the integrity of the electronic records; (g) it is established that the electronic record tendered in evidence by one of the parties was recorded or stored by	(b) il a été certifié ou signé électroniquement, en utilisant la méthode spécifiée par une entité de certification accréditée; (c) l'intégrité et le contenu de ce document électronique ont été notariés; (d) il a été enregistré dans un système d'enregistrement électronique non réinscriptible ou par voie de tout autre moyen électronique qui ne permet pas de modifier le document électronique; (e) il a été examiné et que sa fiabilité a été confirmée par un expert; (f) une preuve a été apportée permettant de conclure que les résultats ont été obtenus au moment où le système informatique ou un autre dispositif électronique fonctionnait bien, ou que son mauvais fonctionnement n'a pas compromis l'intégrité des documents électroniques; (g) il est établi que ce document électronique présenté en preuve par l'une des parties a été enregistré ou
---	--	--

bafitanye ikibazo yafashwe cyangwa yari ibitswe n'uwo bafitanye ikibazo uyiregesha; (h) cyangwa hagaragajwe ko iyo nyandiko koranabuhanga yafashwe cyangwa yabitswe mu buryo busanzwe n'umuntu utari umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo kandi utarayifashe cyangwa ngo ayibike mu buryo butegashwe n'uyiregesha. <u>Ingingo ya 39: Iyemerwa ry'amakuru koranabuhanga atanzwe n'undi muntu</u> Amakuru akubiye mu nyandiko koranabuhanga yaturutse muri mudasobwa cyangwa mu kindi gikoresho koranabuhanga, atanzwe n'undi muntu utarayashyize kuri ibyo bikoresho ntiyemerwa nk'ikimenyetso cy'ibiyikubiyemo keretse iyo ubudakemwa bwa mudasobwa cyangwa ubw'igikoresho koranabuhanga cyangwa ubw'inyandiko koranabuhanga bushobora kugaragazwa. <u>Ingingo ya 40: Kwemeranywa ku kimenyetso koranabuhanga</u> Haseguriwe ubushishozi bw'urwego rufite ububasha, ikimenyetso koranabuhanga kiba	a party to the dispute against whom it is tendered in evidence; or (h) it is established that the electronic record was recorded or stored in the usual and ordinary course of business by a person who is not a party and who did not record or store it under the control of the party seeking to introduce it as evidence. <u>Article 39: Admissibility of electronic data provided as hearsay</u> A statement contained in an electronic record produced by a computer or by another electronic device, which constitutes hearsay, is inadmissible as evidence of any fact stated therein unless the integrity of the computer or of another electronic device or of the electronic record is proven. <u>Article 40: Agreement on electronic evidence</u> Subject to the discretion of the competent organ, electronic evidence is admissible if the	mis en mémoire par une partie contre laquelle il est présenté en preuve; ou (h) il est établi que ce document électronique a été enregistré ou mis en mémoire dans le cours normal des affaires par une personne qui n'est pas partie dans un différend et qui ne l'a pas enregistré ni ne l'a mis en mémoire sous l'autorité de la partie qui cherche à le présenter comme preuve. <u>Article 39 : Admissibilité de données électroniques fournies comme ouï-dire</u> Une déclaration contenue dans un document électronique produit par un ordinateur ou par un autre dispositif électronique, qui constitue un ouï-dire, n'est pas admissible comme preuve d'un fait qui y est déclaré à moins que la fiabilité de l'ordinateur ou d'un autre dispositif électronique ou d'un document électronique ne soit prouvée. <u>Article 40 : Accord sur la preuve électronique</u> Sous réserve du pouvoir discrétionnaire de l'organe compétent, un document
--	--	--

cyemewe iyo ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo bacyemeranyijweho ku buryo bweruye ko igihe cyose iyemerwa ryacyo ritagibwaho impaka.	parties have expressly agreed that at any time its admissibility may not be disputed.	électronique est admissible lorsque les parties ont expressément convenu qu'à aucun moment son admissibilité ne peut être contestée.
<u>Ingingo ya 41: Iyemerwa ry'inyandiko koranabuhanga ikomoka mu kindi gihugu</u>	<u>Article 41: Admissibility of an electronic record from another country</u>	<u>Article 41 : Admissibilité d'un document électronique d'un autre pays</u>
Inyandiko koranabuhanga ikomotse mu kindi gihugu iremewe, iyo ubudakemwa bwayo, ubwa mudasobwa cyangwa ubw'ikindi gikoresho koranabuhanga bikora kimwe yakoreweho cyangwa yabitswemo bugaragajwe cyangwa bushobora gufatwa nk'aho ari ukuri.	An electronic record from another country is admissible if its integrity or the integrity of the computer or of another electronic device by which it was recorded or in which it was stored is proven or may be presumed.	Un document électronique en provenance d'un autre pays est admissible si sa fiabilité ou celle de l'ordinateur ou d'un autre dispositif électronique par lequel il a été enregistré ou dans lequel il a été stocké est prouvée ou peut être présumée.
<u>Ingingo ya 42: Iyemerwa n'agaciro by'umukono koranabuhanga</u>	<u>Article 42: Admissibility and probative value of an electronic signature</u>	<u>Article 42 : Admissibilité et valeur probante d'une signature électronique</u>
Umukono koranabuhanga uremewe kandi ugira agaciro nk'ikindi kimenyetso mu rwego rw'amategeko.	An electronic signature is admissible and has probative value as any other evidence in any legal proceedings.	La signature électronique est admissible et a une valeur probante comme toute autre preuve en matière légale.
<u>Ingingo ya 43: Gutanga umukono koranabuhanga nk'ikimenyetso</u>	<u>Article 43: Production of electronic signature as evidence</u>	<u>Article 43 : Production d'une signature électronique comme preuve</u>
Umuntu uvuga ko umukono koranabuhanga ari uw'umuntu uwitirirwa agomba kubitangira ikimenyetso, keretse iyo ari umukono koranabuhanga ubungabunzwe.	A person who claims that an electronic signature is of a person to whom he or she attributes it must prove it, except if it is a secure electronic signature.	Une personne qui prétend qu'une signature électronique est celle d'une personne à laquelle elle l'attribue doit le prouver, sauf en cas de signature électronique sécurisée.

<u>Ingingo ya 44: Ikimenyetso gicukumbuwe cyerekeye inyandiko n'umukono koranabuhanga bibungabunzwe</u> (1) Iyo hari impaka ku nyandiko koranabuhanga ibungabunzwe, ifatwa nk'ikimenyetso gicukumbuwe cy'uko itigeze ihindurwa kuva igihe yakorewe, uretse iyo hatanzwe ikimenyetso cyemejwe ko kiyivuguruza. (2) Iyo hari impaka ku mukono koranabuhanga ubungabunzwe, uretse iyo hatanzwe ikimenyetso cyemejwe kibivuguruza, umukono koranabuhanga ubungabunzwe ni ikimenyetso gicukumbuwe cy'uko– (a) ari uw'umuntu uwitirirwa; cyangwa (b) cyangwa washyizwe ku nyandiko n'umuntu uwitirirwa ashaka kuyisinya cyangwa kuyemeza. (3) Inyandiko koranabuhanga cyangwa umukono koranabuhanga bitabungabunzwe, ntibigira agaciro k'ikimenyetso gicukumbuwe.	<u>Article 44: Presumption relating to secure electronic record and signature</u> (1) In case of a dispute on secure electronic record, unless there is evidence to the contrary, it shall be presumed that the secure electronic record has not been modified since it was produced. (2) In case of a dispute on secure electronic signature, unless there is evidence to the contrary, it is presumed that the secure electronic signature – (a) is the signature of the person to whom it correlates; or (b) was affixed to a document by the person to whom it is attributed with the intention to sign or approve the document. (3) When an electronic record or an electronic signature is not secure, the presumption does not have probative force.	<u>Article 44 : Présomption relative au document et à la signature électronique sécurisés</u> (1) En cas de litige sur un document électronique sécurisé, à moins qu'il y ait une preuve contraire, il est présumé que le document électronique sécurisé n'a pas été modifié depuis le moment où il a été produit. (2) En cas de litige sur une signature électronique sécurisée, à moins qu'il y ait une preuve contraire, il est présumé que cette signature électronique sécurisée – (a) est la signature de la personne à laquelle elle se rapporte; ou (b) a été apposée sur un document par la personne à laquelle elle se rapporte dans l'intention de signer ou d'approuver ce document. (3) Lorsqu'un document électronique ou une signature électronique n'est pas sécurisé, la présomption n'a pas force probante.
--	--	--

<u>Ingingo ya 45:</u> icyemezo cyangwa umukono koranabuhanga bitangiwe mu mahanga (1) icyemezo cyangwa umukono koranabuhanga bitangiwe mu mahanga bigira agaciro kamwe imbere y'amategeko nk'ak'ibyatangiwe mu gihugu, iyo byujuje ibisabwa n'amategeko. (2) Mu guhamya ko icyemezo koranabuhanga cyangwa umukono koranabuhanga bitanga icyizere kiri ku rugero rumwe, hakurikizwa uburyo bugenderwaho mu rwego mpuzamahanga. (3) Iyo impande bireba zumvikanye ku mikoreshereze y'ubwoko bw'umukono cyangwa icyemezo koranabuhanga, ayo masezerano afatwa nk'ahagije mu kwemera umukono cyangwa icyemezo koranabuhanga bitangiwe mu mahanga, iyo atanyuranyije n'amategeko akurikizwa aho uwo mukono cyangwa icyo cyemezo koranabuhanga bigomba gukoreshwa.	<u>Article 45:</u> Electronic certificate or signature issued abroad (1) An electronic certificate or signature issued outside the country has the same legal effect as that issued in the country if it meets the legal requirements. (2) In determining whether an electronic certificate or signature offers a substantially equivalent level of reliability, regard is given to international standards. (3) If concerned parties agree on the use of certain types of electronic signatures or certificates, that agreement is recognized as sufficient for the purposes of recognition of foreign electronic signature or certificate if the agreement is not contrary to domestic law of where the electronic signature or certificate is intended to be used.	<u>Article 45 :</u> Certificat ou signature électronique émis à l'étranger (1) Un certificat ou une signature électronique émis à l'étranger a le même effet juridique que celui émis dans le pays à condition de remplir les conditions prévues par la loi. (2) Pour déterminer si un certificat ou une signature électronique offre un niveau de fiabilité substantiellement équivalent, il est tenu compte des normes internationales reconnues. (3) Lorsque les parties concernées s'accordent sur l'utilisation de certains types de signature ou certificat électronique, cet accord est jugé suffisant aux fins de la reconnaissance de signature ou certificat électronique émis à l'étranger, s'il n'est pas contraire à la législation nationale du lieu où la signature ou le certificat électronique est destiné à être utilisé.
---	--	---

<u>Ingingo ya 46:</u> Iyemerwa n’agaciro by’umukono ukozwe mu mibare Umukono ukozwe mu mibare uremewe nk’ikimenyetso kandi ugira agaciro nk’ak’umukono ushyizwe ku nyandiko yanditse mu buryo bufatika. <u>Ingingo ya 47:</u> Igenzura ry’umukono ukozwe mu mibare Mu kugenzura umukono ukozwe mu mibare kugira ngo hagaragazwe ko ari uw’umuntu uwitirirwa, urwego rufite ububasha rushobora gutegeka– (a) uwo muntu cyangwa utanga serivisi yo gutanga icyemezo kugaragaza icyemezo; (b) cyangwa ikorehwa ry’uburyo buvugwa mu cyemezo koranabuhanga n’isuzumwa ry’umukono ukozwe mu mibare uvugwaho ko washyizwe ku nyandiko n’uwo muntu. <u>Ingingo ya 48:</u> Ikimenyetso gicukumbuwe cyerekeranye n’umukono ukozwe mu mibare Iyo umukono ukozwe mu mibare umaze	<u>Article 46:</u> Admissibility and probative value of a digital signature A digital signature is admissible as evidence and is equivalent to the signature of a person on a hard copy. <u>Article 47:</u> Verification of a digital signature When verifying a digital signature to determine whether it is that of the person claiming to have affixed it, the competent organ may order – (a) that person or the certification service provider to produce the certificate; or (b) application of the procedure indicated on the electronic certificate and verification of the digital signature purportedly affixed by that person. <u>Article 48:</u> Presumption relating to a digital signature Upon authentication of a digital signature, it	<u>Article 46 :</u> Recevabilité et valeur probante d’une signature numérique Une signature numérique est admissible comme preuve et est équivalent à la signature d’une personne sur un support papier. <u>Article 47 :</u> Vérification d’une signature numérique Lors de la vérification d’une signature numérique, pour déterminer si elle est celle d’une personne prétendue l’avoir apposée, l’organe compétent peut ordonner – (a) à cette personne ou au prestataire de services de certification à présenter le certificat ; ou (b) l’application de la procédure indiquée sur le certificat électronique et la vérification de la signature numérique prétendument apposée par cette personne. <u>Article 48 :</u> Présomption relative à une signature numérique Dès l’authentification d’une signature
--	--	---

kwemezwa ko ari umwimerere, uba ikimenyetso gicukumbuwe cy'uko– (a) amakuru akubiye mu cyemezo koranabuhanga cyawo ari ukuri; (b) wakozwe mu gihe icyemezo koranabuhanga cyawo cyari kigikoreshwa; (c) ubutumwa bufitanye isano n'umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare butigeze buhindurwa uhereye igihe washyiriweho; (d) cyangwa ko icyemezo cyawo cyatanzwe n'urwego rugaragara muri icyo cyemezo. <u>Ingingo ya 49: Ikimenyetso gicukumbuwe cyerekeranye n'icyemezo koranabuhanga</u> Urwego rufite ububasha rufata ko amakuru agaragara mu cyemezo koranabuhanga ari ikimenyetso gicukumbuwe, iyo cyemewe n'uwagisabye, keretse igihe byemejwe ukundi. <u>Icyiciro cya 3: Ibimenyetso bishingiye ku buhamya</u>	is presumption that – (a) the information contained in its electronic certificate is correct; (b) it was created during the operational period of its electronic certificate; (c) the message associated with a digital signature has not been altered from the time it was signed; or (d) the certificate has been issued by the certification authority indicated therein. <u>Article 49: Presumption of the electronic certificate</u> The competent authority presumes that the information indicated in the electronic certificate is correct if the certificate was accepted by the subscriber, unless proved otherwise. <u>Section 3: Testimonial evidence</u>	numérique, c'est une présomption que– (a) les informations contenues dans son certificat électronique sont vraies; (b) elle a été créée pendant la période de validité de son certificat électronique; (c) le message auquel la signature numérique se rapporte n'a pas été altéré depuis sa signature; ou (d) son certificat a été délivré par l'autorité de certification qui y est indiquée. <u>Article 49 : Présomption du certificat électronique</u> L'autorité compétente présume que les informations figurant dans un certificat électronique sont vraies lorsque celui-ci a été accepté par la personne qui en a fait la demande, sauf preuve contraire. <u>Section 3 : Preuve testimoniale</u>
--	---	---

<u>Akiciro ka mbere: Uburyo bwo gutanga ubuhamya n’abashobora kubutanga</u> <u>Ingingo ya 50: Uburyo ubuhamya butangwamo</u> (1) Ubuhamya butangwa umutangabuhamya ubwe ari imbere y’urwego rufite ububasha cyangwa atari imbere yarwo, hakoreshejwe uburyo bumugaragaza cyangwa butamugaragariza abatarebwa n’urubanza cyangwa ikibazo gisuzumwa. (2) Ubuhamya butangwa – (a) mu magambo; (b) mu nyandiko; (c) mu bimenyetso; (d) cyangwa mu mashusho, mu majwi yafashwe cyangwa mu bundi buryo koranabuhanga. <u>Ingingo ya 51: Umuntu ushobora gutanga ubuhamya</u> (1) Umuntu wese ashobora gutanga	<u>Subsection One: Procedure for giving a testimony and persons eligible to testify</u> <u>Article 50: Procedure for giving a testimony</u> (1) A person gives testimony before the competent organ or not before the competent organ by which the witness is not seen by person in a manner that is visible or not visible to persons not concerned with the trial or the issue under consideration. (2) A testimony is submitted through– (a) oral way; (b) writings; (c) signs; or (d) video, recording or any other technological means. <u>Article 51: Person capable of giving testimony</u> (1) Any person may give testimony before	<u>Sous-section première : Procédure de déposer un témoignage et les personnes autorisées à témoigner</u> <u>Article 50 : Procédure de déposer un témoignage</u> (1) Le témoignage est déposé pendant qu’un témoin est devant l’organe compétent ou n’est pas devant l’organe compétent sous le mode visible ou pas par les personnes non concernées par le procès ou le problème sous examen. (2) Un témoignage est déposé par – (a) voie orale; (b) écritures; (c) signes; ou (d) vidéo, voix enregistrées ou autre moyen technologique. <u>Article 51 : Personne pouvant faire une déposition</u> (1) Toute personne peut faire une déposition
--	--	--

ubuhamya imbere y'urwego rufite ububasha, keretse umuntu ufatwa nk'udashobora kuba umutangabuhamya. (2) Umwana utagejeje ku myaka 14 kimwe n'umuntu mukuru udafite ubushobozi yemerewe gutanga ubuhamya imbere y'urwego rufite ububasha atarahiye iyo abasha kubara inkuru y'uko ibintu byagenze, ariko ubuhamya bwe bugomba kunganirwa n'ibindi bimenyetso. (3) Umuntu utabasha kuvuga ashobora gutanga ubuhamya yifashishije uburyo bwose yabwumvikanishamo. <u>Ingingo ya 52:</u> Igihe bitemewe gutanga ikimenyetso gishingiye ku buhamya (1) Haseguriwe ibiteganywa n'amategeko yihariye, ikimenyetso gishingiye ku buhamya ntigishobora kwemerwa ku masezerano atanditse afite agaciro kari hejuru ya 50.000 FRW cyangwa ku kintu cyose gifite agaciro kayarengeje, keretse ubuhamya bwunganiwe n'ibindi bimenyetso. (2) Ikimenyetso gishingiye ku buhamya ntigishobora kwemerwa, iyo kigaragaza ibikubiye mu nyandiko	the competent organ except a person devoid of the capacity to be a witness. (2) A minor under the age of 14 years as well as an incapable adult who is able to narrate facts are allowed to testify before the competent organ without taking oath, but other evidence must corroborate his or her testimony. (3) A person who is unable to speak may give his or her testimony in any other manner in which he or she may make it intelligible. <u>Article 52:</u> Cases in which testimonial evidence is not admitted (1) Subject to special legal provisions, testimonial evidence is not admitted in relation to an unwritten contract of an amount exceeding FRW 50,000 or any object whose value exceeds such amount of money, unless other evidences support the testimony. (2) The testimonial evidence may not be admitted if it states or does not state the content of a document, or where it is	devant l'organe compétent à l'exception d'une personne frappée d'une incapacité d'être un témoin. (2) Un mineur âgé de moins de 14 ans ainsi qu'un incapable majeur qui peut communiquer les faits est admis à témoigner devant l'organe compétent sans serment, mais son témoignage doit être corroboré par d'autres preuves. (3) Une personne qui est incapable de parler peut faire sa déposition de toute manière qui lui permet de la rendre intelligible. <u>Article 52 :</u> Cas dans lesquels la preuve testimoniale n'est pas admise (1) Sous réserve des dispositions légales particulières, la preuve testimoniale ne peut être admise pour un contrat non écrit d'un montant de plus de 50.000 FRW ou tout autre objet dont la valeur est supérieure à ce montant, sauf si le témoignage est appuyé par d'autres preuves. (2) La preuve testimoniale ne peut être admise si elle fait mention ou non du contenu de l'écrit ou si elle prétend être
---	---	---

n'ibitayikubiyemo cyangwa ibyakwitwazwa ko byavuzwe mbere y'uko inyandiko ikorwa cyangwa guhera imaze gukorwa, n'iyi byaba byerekeye amafaranga atageze ku 50.000 FRW cyangwa ikintu cyose gifite agaciro katayagejejeho .	alleged to have preceded or followed the establishment of the document even if it is declared for the amount of money less than FRW 50,000 or any object whose value is less than such amount of money.	antérieure ou postérieure à l'établissement de l'écrit quand bien même il s'agirait d'un montant de moins de 50.000 FRW ou tout autre objet dont la valeur est inférieure à ce montant.
(3) Inshingano z'ubucuruzi zishobora kugaragazwa n'ikimenyetso gishingiye ku buhamya. <u>Ingingo ya 53:</u> Ukwemerwa n'agaciro by'ikimenyetso gishingiye ku buhamya Urwego rufite ububasha rusuzuma ukwemerwa cyangwa ukutemerwa n'agaciro by'ikimenyetso gishingiye ku buhamya. Ntirwita ku mubare w'abatangabuhamya, ahubwo rwita cyane ku bumenyi bw'ibyabaye no ku budakemwa bw'ubuhamya batanga. <u>Ingingo ya 54:</u> Gusaba gutanga umutangabuhamya Umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo wifuza gutanga umutangabuhamya abisaba urwego rufite ububasha akabisobanura mu magambo macye kandi asobanutse. Iyo urwego rufite ububasha rumaze kubisuzuma, rushobora gutegeka	(3) Testimonial evidence may prove commercial obligations. <u>Article 53:</u> Admissibility and probative value of testimonial evidence The competent organ assesses the admissibility or inadmissibility and probative value of testimonial evidence. It is not bound by the number of witnesses. Instead, it mainly considers their knowledge of facts and sincerity of their declarations. <u>Article 54:</u> Request for using a witness A party who seeks to use a witness makes such a request to the competent authority, giving reasons for the request in a precise and succinct manner. After assessment, the competent organ may order the use of a witness. However, the competent organ may	(3) L'obligation commerciale peut être prouvée par la preuve testimoniale. <u>Article 53 :</u> Admissibilité et valeur probante d'une preuve testimoniale L'organe compétent apprécie l'admissibilité ou l'inadmissibilité et la valeur probante d'une preuve testimoniale. Il n'est pas tenu par le nombre des témoins. Néanmoins, il s'appuie principalement sur leur connaissance des faits et la sincérité de leurs dépositions. <u>Article 54 :</u> Demande de présenter un témoin Une partie qui souhaite présenter un témoin le demande à l'organe compétent en motivant la demande de manière précise et succincte. Après évaluation, l'organe compétent peut ordonner la présentation d'un témoin. Toutefois, l'organe compétent peut

kubitangira umutangabuhamya. Icyakora urwego rufite ububasha rushobora, ku bwawo, gutegeka ko ubuhamya butangwa ku kintu rubona ko gikwiye kugaragaza ukuri, iyo amategeko atabibuzza. <u>Akiciro ka 2: Kumva umutangabuhamya</u> <u>Ingingo ya 55 : Amakuru asabwa mbere yo gutanga ubuhamya</u> Mbere yo gutanga ubuhamya, umutangabuhamya asabwa umwirondoro we wuzuye. Asabwa kandi gutanga amakuru ku bintu bikurikira urwego rufite ububasha rukabyandika: (a) isano ishingiyeye ku buvandimwe cyangwa ku ishyingiranwa yaba afitanye n'umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo n'urwego rwayo; (b) ihuriro rye n'ubutegekane afitanye n'umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo, mu gihe rihari; (c) indi mpamvu yose ishobora gutuma ubuhamya bwe bugaragara nk'ububogamye.	also order, on its own motion, the deposition of testimonial evidence for facts that should be conclusive, if it is not prohibited by the law. <u>Subsection 2: Witness examination</u> <u>Article 55: Information required before testifying</u> A witness, before testifying, is required to state his or her full identification. He or she is also required to provide information on the following and the competent organ records it: (a) Any relation of kinship or marriage, and the degree to which it exists, with one of the parties; (b) his or her relationship of subordination with any of the parties, if any; (c) any other ground likely to make his or her testimony prejudicial.	également ordonner d'office la déposition d'une preuve testimoniale pour des faits qui devraient être concluants, si la loi ne l'interdit pas. <u>Sous-section 2 : Audition d'un témoin</u> <u>Article 55 : Informations requises avant la déposition</u> Avant de témoigner, un témoin est tenu d'indiquer son identité complète. Il est également tenu de fournir des informations sur les éléments suivants et l'organe compétent les acte : (a) ses relations éventuelles de parenté ou d'alliance et le degré de celles-ci avec l'une des parties; (b) ses rapports de subordination avec l'une des parties, le cas échéant; (c) tout autre motif de nature à rendre son témoignage suspect de partialité.
---	--	---

<u>Ingingo ya 56:</u> Indahiro y'umutangabuhamya Mbere yo gutanga ubuhamya, umutangabuhamya usabwe kurahira arahirira kuvugisha ukuri agira ati: “Jyewe....., ndahiriye kuvugisha ukuri. Nindamuka mbeshye nzabihanirwe n’amategeko”.	<u>Article 56:</u> Witness oath Before testifying, a witness who is required to take oath, swears to tell the truth in the following words: “I....., swear to tell the truth. May I face the rigors of the law if I tell lies”.	<u>Article 56 :</u> Serment d’un témoin Avant de présenter un témoignage, un témoin appelé à prêter serment, jure de dire la vérité en déclarant ce qui suit : « Moi....., je jure de dire la vérité. En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi ».
<u>Ingingo ya 57:</u> Uburyo kubaza umutangabuhamya bikorwa Urwego rufite ububasha rubaza umutangamuhamya rubanje guheza abandi batangabuhamya, ariko ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo bahari cyangwa, byaba ngombwa, na bo bagahezwa. Rushobora kandi rubyibwirije cyangwa bisabwe n’ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo, kongera kumva abatangabuhamya no kwemera ko banyomozanya hagati yabo cyangwa ko bavuguruzanya n’ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo, keretse iyo amategeko abiteganyanya ukundi.	<u>Article 57:</u> Procedure for examination of a witness The competent organ examines a witness separately in the absence of other witnesses, but in the presence of parties or if necessary, in their absence. It may also, on its own motion or upon request by the parties, re-examine witnesses or accept cross-examination between witnesses or between witnesses and parties, unless otherwise provided for by the law.	<u>Article 57 :</u> Procédure d’audition d’un témoin L’organe compétent interroge un témoin séparément en l’absence d’autres témoins, mais en présence des parties ou, si nécessaire, en leur absence. Il peut également, d’office ou à la demande des parties, réinterroger les témoins ou accepter un contre-interrogatoire entre les témoins ou entre les témoins et les parties, à moins que la loi n'en dispose autrement.
<u>Ingingo ya 58:</u> Uburyo ubuhamya butangwa (1) Umutangabuhamya ntiyemerewe gusoma ibyo yanditse, iyo atanga ubuhamya. Ntiyemerewe kandi kumenya ibyo abandi batangabuhamya bavuze, keretse iyo	<u>Article 58:</u> Procedure of testimony deposition (1) A witness is not allowed to read from his or her notes while testifying. He or she is also not authorized to know declarations of other witnesses except	<u>Article 58 :</u> Procédure de dépôt de témoignage (1) Un témoin n’est pas autorisé à lire ses notes, lors du dépôt de témoignage. Il n’est pas non plus autorisé à connaître les déclarations des autres témoins,

babahamagariye kunyomozanya hagati yabo cyangwa kuvuguruzanya n'ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo. (2) Urwego rufite ububasha rwandika ibyo umutangabuhamya avuze, rukabimusomera, akabishyiraho igikumwe cyangwa umukono. Iyo yanze gutera igikumwe cyangwa kubishyiraho umukono, urwego rufite ububasha rurabyandika kimwe n'impamvu ibimuteye. <u>Ingingo ya 59: Kumva umutangabuhamya ufite amakuru y'ingirakamaro</u> Umutangabuhamya wese ufite amakuru y'ingirakamaro mu gukemura ikibazo arumvwa. Urwego rufite ububasha ntirushobora kumubuza kuvuga icyo akiziho cyangwa ngo ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo bamwihane. Icyakora, ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo bashobora kuvuga impamvu zose zituma batakwizera ko umutangabuhamya abatangira ubuhamya bw'ukuri, urwego rufite ububasha rukazandika. Urwego rufite ububasha ni rwo rwonyine rusuzuma ishingiro ryabyo kandi rukabiha agaciro rubona bikwiye.	when they are summoned for cross-examination between witnesses or between witnesses and parties. (2) The competent organ records the declaration of a witness and subsequently reads it to him or her. The witness signs the declaration or affixes a fingerprint. If the witness refuses to either sign or affix a fingerprint, the competent organ records the reasons for refusal. <u>Article 59: Examination of witness with reliable information</u> Any witness with reliable information for the resolution of a claim is heard. Neither the competent organ is allowed to prevent him or her from giving testimony, nor shall the parties disqualify him or her. However, the parties have the right to state all their grounds of doubt on partiality vis-a-vis a witness and the competent organ records them. The competent organ has exclusive powers to examine the basis of such grounds and decide on the probative value that they seem to deserve.	sauf lorsqu'ils ont été appelés au contre-interrogatoire entre les témoins ou entre les témoins et les parties. (2) L'organe compétent acte la déclaration du témoin et la lui lit. Le témoin appose une empreinte digitale sur la déclaration ou la signe. Lorsque le témoin refuse d'apposer son empreinte digitale ou de signer, l'organe compétent acte le motif de son refus. <u>Article 59 : Audition d'un témoin disposant d'informations importantes</u> Tout témoin disposant d'informations importantes pour la résolution du litige est entendu. Ni l'organe compétent n'est autorisé à écarter un témoin important de témoigner ni les parties de le récuser. Toutefois, les parties peuvent présenter les motifs de leur doute quant à la partialité qu'un témoin peut avoir à leur égard et l'organe compétent les acte. L'organe compétent en apprécie souverainement le bien-fondé et y attache la foi qu'ils lui paraissent mériter.
--	--	--

<u>Ingingo ya 60: Inshingano yo kwitaba no gutanga ubuhamya</u> (1) Umuntu watumiwe mu buryo bwemewe n'amategeko nk'umutangabuhamya imbere y'urwego rufite ububasha agomba kwitaba no gutanga ubuhamya. Icyakora, umuntu ubwirwa amabanga kubera umurimo ashinzwe cyangwa umwuga we ashobora kwemererwa kudatangwaho umutangabuhamya, keretse iyo hari ikimenyetso cyerekana ko yabimenye ku bundi buryo budafite ihuriro n'ibanga ry'umwuga we. (2) Uwashyingiranywe n'umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo, n'iyi baba baratanye, cyangwa uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kabiri ashobora kwanga gutanga ubuhamya.	<u>Article 60: Obligation to appear and testify</u> (1) A person duly summoned as a witness must appear before the competent organ and testify. However, a person who gets confidential information by virtue of his or her status or profession may be exempted from testifying unless it can be established that the facts came to his or her knowledge outside professional secrecy. (2) A party's spouse, even if divorced, or his or her relative up to the second degree, may decline to testify.	<u>Article 60 : Obligation de comparaître et de témoigner</u> (1) Une personne régulièrement assignée en qualité de témoin doit comparaître devant l'organe compétent et témoigner. Toutefois, une personne dépositaire par état ou par profession des secrets qu'on lui confie peut être dispensée de témoigner, sauf s'il est établi que les faits sont venus à sa connaissance autrement que par le secret professionnel. (2) Le conjoint d'une partie, même divorcé, ou son parent jusqu'au deuxième degré, peut refuser de témoigner.
<u>Icyiciro cya 4: Ikimenyetso cy'impuguke</u> <u>Ingingo ya 61: Ishyirwaho ry'impuguke</u> (1) Iyo urwego rufite ububasha rusanze ari ngombwa ko hifashishwa ikimenyetso cy'impuguke mu isuzuma ry'ikibazo, rushyiraho impuguke yo gukora iryo	<u>Section 4: Expert evidence</u> <u>Article 61: Appointment of expert</u> (1) If a competent organ considers that the expert evidence is necessary in examination of a claim, it appoints an expert to carry out that examination.	<u>Section 4 : Preuve d'expert</u> <u>Article 61 : Désignation d'un expert</u> (1) Lorsque l'organe compétent estime que l'expertise est nécessaire à l'examen d'un différend, il désigne un expert pour procéder à cet examen. Toutefois, si les

suzuma. icyakora, iyo ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo bumvikanye ku mpuguke imwe yashyirwaho, urwego rufite ububasha rurabibemerera. (2) Iyo hakenewe impuguke eshatu, urwego rufite ububasha rushobora kwemera ko buri wese mu baburanyi cyangwa mu bafitanye ikibazo ashahiraho impuguke imwe mu gihe kigenwa n'urwego, naho iya gatatu igashyirwaho n'urwego rufite ububasha. (3) icyemezo cy'urwego rufite ububasha cyo kwitabaza ikimenyetso cy'impuguke kigaragaza amazina y'impuguke, ubutumwa ihawe n'igihe igomba kuba yashyikirije raporo yayo urwego rufite ububasha. <u>Ingingo ya 62: Imenyeshya ry'ishyirwaho ry'impuguke n'itangira ry'umurimo w'impuguke</u> (1) Urwego rufite ububasha rumenyeshya impuguke icyemezo kiyishyiraho mu gihe kitarenze iminsi itatu y'akazi ibarwa uhereye ku umunsi cyafatiweho. (2) Impuguke, ikoresheje uburyo bw'itumanaho bwemewe n'amategeko,	However, if parties agree on one expert to be appointed, the competent organ accepts their choice. (2) In case three experts are required, the competent organ may allow each party to appoint one expert within the time limit set by the organ, while the third expert is appointed by the competent organ. (3) The decision of the competent organ to use expert evidence indicates names of an expert, his or her mission as well as the time limit within which he or she must submit his or her report to the competent organ. <u>Article 62: Notification of appointment of an expert and commencement of duties</u> (1) The competent organ notifies the expert of the decision appointing him or her within a period not exceeding three working days from the day the decision is rendered. (2) The expert, through legal communication, informs the	parties se mettent d'accord sur la désignation d'un seul expert, l'organe compétent accepte leur choix. (2) En cas de nécessité de trois experts, l'organe compétent peut permettre à chacune des parties de désigner un expert dans le délai prévu par l'organe, tandis que le troisième expert est désigné par l'organe compétent. (3) La décision de l'organe compétent sur le recours à la preuve d'expert indique les noms de l'expert, sa mission et le délai dans lequel il doit soumettre son rapport à l'organe compétent. <u>Article 62 : Notification de la désignation d'un expert et début de ses fonctions</u> (1) L'organe compétent notifie à l'expert la décision qui le désigne dans un délai n'excédant pas trois jours ouvrables à compter du jour où la décision a été prise. (2) L'expert, par voie de communication légale, avise l'organe compétent de
--	---	---

imenyesha urwego rufite ububasha ko yemeye ubutumwa cyangwa ko itabwemeye mu gihe kigenwa n'urwego rufite ububasha.	competent organ that he or she has accepted or refused the mission within the time limit set by the competent organ.	son acceptation ou de son refus de la mission, dans le délai fixé par l'organe compétent.
(3) Mu gukora umurimo ujyanye n'ubutumwa yahawe, impuguke ishobora kumenyesha urwego rufite ububasha, abaturanyi cyangwa abafitanye ikibazo igihe izatangirira, ahantu, umunsi n'isaha izatangiriraho.	(3) Before discharging the duties related to his or her mission, the expert may inform the competent organ and the parties of the place, date and time he or she will begin his or her duties.	(3) Avant de s'acquitter des fonctions liées à sa mission, l'expert peut informer l'organe compétent et les parties du lieu, du jour et de l'heure où il débutera ses fonctions.
<u>Ingingo ya 63:</u> Impamvu zo kwihana impuguke	<u>Article 63:</u> Grounds for expert disqualification	<u>Article 63 :</u> Motifs de récusation d'un expert
Umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo ashobora kwihana impuguke ku mpamvu zimwe n'izemewe ku kwihana umucamanza.	A party may disqualify an expert on the same grounds as applicable to disqualification of a judge.	Une partie peut récuser un expert pour les mêmes motifs que ceux applicables à la récusation d'un juge.
<u>Ingingo ya 64 :</u> Igihe ntarengwa cyo gutanga inzitizi yo kwihana impuguke	<u>Article 64:</u> Time limit for submitting application for disqualification of an expert	<u>Article 64 :</u> Délai de demande en récusation d'un expert
Ubusabe bwo kwihana impuguke butangwa mbere yo gutangira umurimo ujyanye n'ubutumwa yahawe. Icyakora, umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo ubifitemo inyungu, ashobora kwihana impuguke nyuma y'uko itangira umurimo ujyanye n'ubutumwa yahawe iyo impamvu y'ubwihane yamenyekanye nyuma.	An application for disqualification of an expert is submitted before the expert has started the duties related to his or her mission. However, an interested party can disqualify an expert after he or she has started the duties related to his or her mission if the reason for the disqualification has come to his or her knowledge later.	La demande de récusation d'un expert est introduite avant que l'expert n'ait commencé à exercer les fonctions liées à sa mission. Toutefois, une partie intéressée peut récuser un expert après que celui-ci a commencé les fonctions liées à sa mission si le motif de la récusation a été porté à sa connaissance ultérieurement.

<u>Ingingo ya 65: Kwikura mu murimo bikoze n'impuguke ubwayo</u> Impuguke ifite impamvu y'ubwihane bwayo cyangwa indi mpamvu yatuma idakomeza umurimo ujyanye n'ubutumwa yahawe, igomba guhita iyimenyesha urwego rufite ububasha. Iyo bibaye ngombwa ibimenyesha kandi ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo ikivana no mu murimo ujyanye n'ubutumwa yahawe. <u>Ingingo ya 66:Uburyo bwo kwihana impuguke</u> (1) Umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo uvuga ko afite impamvu yo kwihana impuguke abikora mu nyandiko ashyikiriza urwego rufite ububasha rwayishyizeho. (2) Inyandiko yo kwihana impuguke itangwa mu gihe kitarenze umunsi umwe uhaye ku itariki umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo yamenyeyeho impamvu y'ubwihane. <u>Ingingo ya 67: Imenyesha ry'ubwihane bw'impuguke</u> (1) Mbere yo gusuzuma impamvu	<u>Article 65: Self disqualification</u> An expert with any reason for self-disqualification or other reason preventing him or her from carrying out the mission assigned to him or her, must immediately inform the competent organ. If necessary, he or she also informs the parties of such a reason and disqualifies himself or herself. <u>Article 66: Procedure for disqualification of an expert</u> (1) The party alleging that he or she has reasons for disqualifying an expert does so in a written application addressed to the competent organ that appointed him or her. (2) The application for disqualification of an expert is submitted within one day from the date on which the party knew the reasons for the disqualification. <u>Article 67: Notification of the disqualification of an expert</u> (1) Before examining the reasons for	<u>Article 65 : Déport volontaire d'un expert</u> Un expert qui a un motif de déport volontaire ou un autre motif l'empêchant de poursuivre la mission lui confiée, doit en informer immédiatement l'organe compétent. Le cas échéant, il en informe aussi les parties et se déporte volontairement. <u>Article 66 : Modalités de récusation d'un expert</u> (1) La partie qui prétend avoir des motifs de récuser un expert le fait par une demande écrite adressée à l'organe compétent qui l'a désigné. (2) La demande en récusation d'un expert est présentée endéans un jour suivant la date à laquelle la partie a eu connaissance des motifs de la récusation. <u>Article 67 : Notification de la récusation d'un expert</u> (1) L'organe compétent statue sur la
--	--	--

y'ubwihane, urwego rufite ububasha rubanza gusuzuma iyakirwa ry'ubwihane.	disqualification, the competent organ examines the admissibility of application for disqualification.	recevabilité de la demande en récusation avant d'examiner les motifs de récusation.
(2) Iyo urwego rufite ububasha rusanze ubwihane bushobora kwakirwa, rwoherereza impuguke yihanwe kopi y'ibaruwa y'ubwihane, rukanayimenyesha ko igomba kugira icyo ibivugaho, mu gihe kitarenze iminsi ibiri y'akazi ibarwa uhereye ku munsu yaboneyeho ibaruwa imenyesha ubwihane.	(2) If the competent organ finds that the application for disqualification is admissible, it sends a copy of the application for disqualification to the disqualified expert and informs the expert that he or she is required to declare his or her opinion thereon within two working days from receipt of the letter notifying the disqualification.	(2) Lorsque l'organe compétent constate que la demande en récusation est recevable, il envoie à l'expert récusé une copie de la demande en récusation et l'informe qu'il est tenu de donner son avis dans un délai de deux jours ouvrables à compter de la réception de la lettre de notification de la récusation.
(3) Iyo impuguke imaze kugira icyo ivuga cyangwa ntigire icyo ivuga ku mpamvu y'ubwihane yagaragajwe n'umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo, urwego rufite ububasha rufata icyemezo mu gihe kitarenze iminsi itatu y'akazi.	(3) After the expert gives or does not give his or her opinion on the reasons for disqualification indicated by a party, the competent organ makes a decision within three working days.	(3) Après que l'expert a donné ou non son avis sur les motifs de récusation indiqués par une partie, l'organe compétent statue dans un délai de trois jours ouvrables.
(4) Iyo ubwihane budafite ishingiro, urwego rufite ububasha rumenyesha impuguke ko ikomeza umurimo wayo kandi rukabimenyesha ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo.	(4) If the disqualification is unfounded, the competent organ notifies the expert to continue his or her duties and informs the parties accordingly.	(4) Lorsque la récusation est rejetée, l'organe compétent notifie à l'expert de poursuivre ses fonctions et en informe les parties.
(5) Iyo urwego rufite ububasha rwemeye ubwihane, hashyirwaho indi	(5) In case the competent organ upholds the disqualification, another expert is	(5) Lorsque l'organe compétent admet la récusation, un autre expert est désigné

mpuguke mu buryo butegenywa n'iri tegeko. <u>Ingingo ya 68:</u> Imikoranire y'impuguke n'umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo (1) Umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo atanga ibyo impuguke imukeneyeho yamusabye kugira ngo irangize ubutumwa yahawe. (2) Iyo umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo batubahirije ibivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, impuguke ibimenyesha urwego rufite ububasha mu nyandiko. Urwego rufite ububasha rumaze kubaha umwanya wo kwisobanura, rushobora kubatega guha impuguke ibyo ibakeneyeho kugira ngo irangize ubutumwa yahawe cyangwa rukayihabura uburenganzira bwo gutanga raporo ishingiyeho ku byo yahawe. <u>Ingingo ya 69:</u> Imbibi z'ubutumwa bw'impuguke Impuguke itanga raporo ikubiyemo umwanzuro ku ngingo zerekanye gusa	appointed in accordance with provisions of this Law. <u>Article 68:</u> Collaboration between an expert and a party (1) The party submits anything required by the expert to enable him or her to carry out his or her mission. (2) If any party fails to respect the provisions of Paragraph (1) of this Article, the expert informs in writing the competent organ. After giving the parties the opportunity to defend themselves, the competent organ may order them the submission to the expert of any necessary requirements for discharging his or her mission or authorise the expert to submit his or her report as it stands. <u>Article 69:</u> Scope of an expert mission An expert gives a report including a conclusion on issues solely relating to his or	conformément aux dispositions de la présente loi. <u>Article 68 :</u> Collaboration d'un expert et d'une partie (1) La partie remet toute chose requise par l'expert lui permettant d'accomplir sa mission. (2) Lorsqu'une partie ne respecte pas les dispositions du paragraphe (1) du présent article, l'expert informe par écrit l'organe compétent. Après avoir donné aux parties l'occasion de se défendre, l'organe compétent peut leur ordonner de donner à l'expert tout ce qui est nécessaire pour qu'il remplisse sa mission ou autoriser l'expert à déposer son rapport tel qu'il est. <u>Article 69 :</u> Portée de la mission d'expert Un expert donne un rapport comprenant une conclusion sur des points en rapport
---	---	--

n'ubutumwa yahawe n'urwego rufite ububasha. Icyakora, mbere yo gutanga raporo, impuguke, umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo ashobora gusaba urwego rufite ububasha kongerera impuguke ubutumwa.	her mission as entrusted by the competent organ. However, before submission of the report, the expert or any of the parties may petition the competent organ to widen the expert's mission.	uniquement avec la mission lui assignée par l'organe compétent. Toutefois, avant la soumission du rapport, l'expert ou une partie peut demander à l'organe compétent d'étendre la mission de l'expert.
<u>Ingingo ya 70: Igihe cyo gutangamo raporo y'impuguke</u>	<u>Article 70: Time for submission of an expert report</u>	<u>Article 70 : Délai de dépôt d'un rapport d'expert</u>
(1) Impuguke itanga raporo mu gihe cyagenwe mu cyemezo kiyishyiraho. Icyakora, impuguke ishobora gusaba mu nyandiko urwego rufite ububasha kongererwa igihe ikagaragaza n'impamvu.	(1) An expert submits his or her report within the time limit set in the decision to appoint him or her. However, an expert may request in writing for the extension of the time for submission of the report and motivate his or her request.	(1) L'expert dépose son rapport dans le délai fixé dans la décision de sa désignation. Toutefois, l'expert peut demander par écrit une prolongation du délai de dépôt du rapport et motiver sa demande.
(2) Iyo urwego rufite ububasha rusanze impamvu yatanzwe ifite ishingiro rwongera igihe impuguke izatangiramo raporo.	(2) If the competent organ considers that the grounds are well-founded, it grants the expert an extension of the deadline for submitting the report.	(2) Lorsque l'organe compétent estime que le motif est fondé, il accorde à l'expert une prolongation du délai de dépôt du rapport.
<u>Ingingo ya 71 : Isimburwa ry'impuguke</u>	<u>Article 71: Replacement of an expert</u>	<u>Article 71 : Remplacement d'un expert</u>
(1) Igihe cyose bibaye ngombwa, urwego rufite ububasha, rubyibwirije, rushobora gusimbuza impuguke.	(1) Whenever it is necessary, the competent organ, on its own initiative, may replace an expert.	(1) En cas de nécessité, l'organe compétent peut, de sa propre initiative, remplacer un expert.
(2) Umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo ubifitemo inyungu ashobora gusaba urwego rufite ububasha mu nyandiko gusimbuza impuguke	(2) An interested party may request in writing the competent organ to replace an expert and provide reasons thereof.	(2) Une partie intéressée peut demander par écrit à l'organe compétent de remplacer un expert et en indiquer les raisons.

akagaragaza n'impamvu. (3) Gusimbuza impuguke bikorwa mu buryo bumwe n'ubwo gushyiraho impuguke buteganywa n'iri tegeko. <u>Ingingo ya 72: Raporo y'impuguke</u> (1) Iyo impuguke isoje umurimo ujyanye n'ubutumwa yahawe, ishyikiriza urwego rufite ububasha raporo y'ibyo yagezeho. (2) Raporo y'impuguke ishyirwaho igikumwe cyangwa umukono n'impuguke bibanzirizwa n'indahiro ikurikira: “Jyewe ndahiye ko nakoze umurimo wanjye wose kandi mu bwisanzure, mu bunyangamugayo n'umutimanama, nywukora uko ugomba gukorwa nta buhemu. Niba ntawukoze uko bikwiye nzabihanirwe n'amategeko”. <u>Ingingo ya 73: Ukutumvikana kw'impuguke ku mwanzuro</u> Iyo hashyizweho impuguke zirenze imwe, zikora raporo imwe ishyikirizwa urwego rufite ububasha kandi zigahuriza ku	(3) The procedure for replacing an expert is the same as the one for appointing an expert provided for under this Law. <u>Article 72: Report of the expert</u> (1) The expert, at the end of his or her mission, submits to the competent organ a report of his or her achievements. (2) The report of the expert bears the fingerprint or signature of the expert preceded by the following oath: “I, ..., swear that I have fulfilled my mission completely, independently, honourably and conscientiously, with accuracy and probity. May I face the rigors of the law if I did not do it with the due accuracy”. <u>Article 73: Experts' disagreement on the conclusion</u> If several experts are appointed, they make a single report for submission to the competent organ and agree on the same conclusion	(3) La procédure de remplacement d'un expert est la même que celle de désignation d'un expert prévue par la présente loi. <u>Article 72 : Rapport d'expert</u> (1) À la fin de sa mission, l'expert soumet à l'organe compétent le rapport de ses réalisations. (2) Le rapport d'expert porte l'empreinte digitale ou la signature de l'expert précédée du serment suivant : “Moi, je jure d'avoir rempli ma mission de manière complète et indépendante, en honneur et conscience, avec exactitude et probité. Si j'en abuse, que je subisse les rigueurs de la loi”. <u>Article 73 : Désaccord des experts sur une conclusion</u> En cas de désignation de plusieurs experts, ils établissent un seul et même rapport à soumettre à l'organe compétent et s'accordent
---	---	--

mwanzuro umwe hakurikijwe umubare wa benshi muri bo. Iyo badahuriye ku mwanzuro, muri iyo raporo hasobanurwa impamvu badahuje ariko hatavuzwe igitekerezo bwite cya buri wese.	according to the opinion of the majority. If they disagree on the conclusion, the report includes reasons for disagreement without specifying each expert's opinion.	sur la même conclusion selon l'avis de la majorité. S'ils ne sont pas d'accord sur la conclusion, le rapport indique les raisons du désaccord sans préciser l'opinion de chaque expert.
<u>Ingingo ya 74: Gusaba impuguke ibisobanuro by'inyongera</u>	<u>Article 74: Request for additional explanations from an expert</u>	<u>Article 74 : Demande d'éclaircissements supplémentaires à l'expert</u>
(1) Iyo urwego rufite ububasha rutabonye ibisobanuro bihagije muri raporo y'impuguke, rushobora kuyitegeka gutanga ibisobanuro by'inyongera. icyakora, iyo urwego rufite ububasha rusanze hakenewe ikimenyetso cy'inyongera cy'impuguke, rushobora gusaba ko bikorwa n'iy mpuguke cyangwa ko bikorwa n'indi mpuguke. Impuguke nshya ishobora gusaba iyayibanjirije ibisobanuro ibona ko ari ngombwa.	(1) If the competent organ is not satisfied with explanations in the report of the expert, it may order the expert to give additional explanations. However, if the competent organ finds that a new expert evidence is required, it may request it from that expert or from another expert. The new expert may request the predecessor for explanations he or she thinks are necessary.	(1) Lorsque l'organe compétent ne trouve pas des éclaircissements suffisants dans le rapport de l'expert, il peut ordonner à l'expert de fournir des éclaircissements supplémentaires. Toutefois, si l'organe compétent estime qu'une nouvelle preuve d'expert est nécessaire, il peut la demander à cet expert ou à un autre expert. Le nouvel expert peut demander à l'expert précédent des éclaircissements qu'il juge nécessaires.
(2) Urwego rufite ububasha rushobora kumva impuguke mu isuzuma ry'ikibazo, imaze kurahira. Impuguke ishobora kwifashisha inyandiko muri icyo gihe cy'isuzuma. Imvugo y'impuguke ikorerwa inyandikomvugo igashyirwaho igikumwe cyangwa umukono n'impuguke imaze kuyisoma.	(2) The competent organ may hear the expert during the hearing of the claim after he or she takes oath. The expert may consult documents in the course of this hearing session. The statements of the expert must be recorded in minutes and bear the fingerprint or the signature of the expert after reading it.	(2) L'organe compétent peut, au cours de l'audition d'un différend, entendre l'expert après prestation de serment de ce dernier. L'expert peut consulter les documents lors de cette audition. Ses déclarations sont actées dans un procès-verbal et portent l'empreinte digitale ou la signature de l'expert après lecture.

<u>Ingingo ya 75: Kudatanga raporo kw'impuguke</u> Iyo mu gihe cyateganyijwe cyangwa mu gihe cyongerewe n'urwego rufite ububasha impuguke idatanze raporo y'ubutumwa yahawe nta mpamvu, urwego rufite ububasha rufata icyemezo cyo kuyisezerera kandi hagashyirwaho indi impuguke. <u>Ingingo ya 76: Ukwitabira iperereza kw'impuguke</u> Iyo urwego rufite ububasha rusanze ari ngombwa gukora iperereza, rushobora kwemeza ko ryitabirwa n'impuguke, kugira ngo itange ibisobanuro bishingiye ku bumenyi bwerekeranye n'ikibazo gisuzumwa. <u>Ingingo ya 77: Kuvuguruza raporo y'impuguke</u> (1) Iyo urwego rufite ububasha rusanze raporo y'impuguke itarufasha gucyemura ikibazo, rubyibwirije, rushobora kwemeza ko hashyirwaho indi mpuguke. (2) Umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo utemera raporo y'impuguke ku mpamvu zifatika,	<u>Article 75: Failure of the expert to submit a report</u> If an expert fails, without reason, to submit the report of the mission assigned to him or her within the time limit fixed or extended by the competent organ, the competent organ takes a decision to dismiss him or her and appoints another expert. <u>Article 76: Participation of an expert in an investigation</u> If the competent organ considers that an investigation is necessary, it may decide that an expert should participate in the investigation to provide clarification based on knowledge of the problem under consideration. <u>Article 77: Challenging an expert report</u> (1) When the competent organ considers that the expert report does not enable to solve a problem, it may, on its own initiative, decide the appointment of another expert. (2) A party who disagrees with the expert report on valid grounds, may request the competent organ to	<u>Article 75 : Défaut de soumission du rapport par l'expert</u> Lorsqu'un expert ne soumet pas, sans motif, le rapport de la mission lui confiée dans le délai lui imparti ou prorogé par l'organe compétent, l'organe compétent décide de le révoquer et désigne un autre expert. <u>Article 76 : Participation d'un expert dans une enquête</u> Lorsque l'organe compétent estime qu'une enquête est nécessaire, il peut décider qu'un expert participe dans l'enquête pour donner les éclaircissements basés sur la connaissance relative au problème sous examen. <u>Article 77 : Contestation d'un rapport d'expert</u> (1) Lorsque l'organe compétent estime que le rapport d'expert ne lui permet pas de résoudre un problème, il peut, de sa propre initiative, décider la désignation d'un autre expert. (2) Une partie qui n'est pas satisfaite du rapport d'expert pour des raisons valables, peut demander à l'organe
--	---	--

ashobora gusaba urwego rufite ububasha ko hashyirwaho indi mpuguke. <u>Ingingo ya 78:</u> Agaciro ka raporo y'impuguke Urwego rufite ububasha ntirutegetswe gukurikiza ibitekerezo by'impuguke. Icyakora, rusuzuma ibikubiye muri raporo y'impuguke rukabiha agaciro hagendewe ku kibazo gisuzumwa. <u>Ingingo ya 79:</u> Ibisobanuro by'impuguke mu rwego rw'ubujurire Ku rwego rw'ubujurire, urwego rufite ububasha rushobora guhamagara impuguke kugira ngo isobanure mu magambo raporo iri muri dosiye. <u>Ingingo ya 80:</u> Indahiro y'impuguke igiye gutanga ibisobanuro Iyo impuguke igiye gutanga ibisobanuro imbere y'urwego rufite ububasha, ibanza kurahira indahiro ikurikira: “Jyewe, ndahiriye gukora umurimo nshinzwe ntacyo nirengagije, nywukora uko ugomba gukorwa, nta buhemu. Nintabikora uko bikwiye nzabihanirwe n'amategeko”.	appoint another expert. <u>Article 78:</u> Probative value of the expert report The competent organ is not bound to follow an expert's opinion. However, it considers the expert report and attributes probative value to the content thereof depending on the matter being considered. <u>Article 79:</u> Explanations of an expert at the appeal level The competent organ may, at the appeal level, summon an expert to give verbal explanations on a report placed in the case file. <u>Article 80:</u> Oath of an expert preparing to give explanations When an expert prepares to give explanations before the competent organ, he first takes the following oath: “I, ..., swear to fulfil my mission in honour and conscience, with accuracy and probity. May I face the rigors of the law if I do not do it with the due accuracy”.	compétent de désigner un autre expert. <u>Article 78 :</u> Valeur probante du rapport d'expert L'organe compétent n'est point astreint à suivre l'avis d'un expert. Toutefois, il examine le rapport de l'expert et accorde la valeur probante à son contenu en fonction de la question à l'examen. <u>Article 79 :</u> Explications d'un expert au niveau d'appel Au niveau d'appel, l'organe compétent peut convoquer un expert pour qu'il donne des explications orales sur un rapport versé au dossier. <u>Article 80 :</u> Serment d'un expert qui s'apprête à donner des explications Lorsqu'un expert s'apprête à donner des explications devant l'organe compétent, il prête au préalable le serment suivant : “Moi, je jure de remplir ma mission en honneur et conscience, avec exactitude et probité. Si j'en abuse, que je subisse les rigueurs de la loi”.
--	---	--

<u>Icyiciro cya 5: Ikimenyetso gicukumbuwe</u> <u>Ingingo ya 81: Iyemerwa ry'ikimenyetso gicukumbuwe n'ubwenge bw'umuntu</u> Urwego rufite ububasha rwemera gusa ikimenyetso gicukumbuwe n'ubwenge bw'umuntu, iyo ari ingirakamaro, gisobanuye, gihuje n'ibivugwa mu kibazo kandi gusa ari uko itegeko ryemera gutanga ikimenyetso hashingiwe ku mpamvu zose z'ibyabaye. <u>Ingingo ya 82: Imbaraga z'icyemezo cyabaye ndakuka</u> (1) Icyemezo cyabaye ndakuka ntigisubirwamo kandi imbaraga zacyo zigarukira ku cyakiranuwe gusa. (2) Kugira ngo icyemezo kube ari ndakuka hagomba kuba hujujwe ibi bikurikira: (a) ikintu cyafashweho icyemezo kigomba kuba kimwe; (b) ikibazo kigomba kuba gishingiye ku mpamvu imwe;	<u>Section 5: Presumption</u> <u>Article 81: Admissibility of human presumption</u> The competent organ admits the human presumption only if it is relevant, precise and consistent and in such case only as the law admits evidence by any means. <u>Article 82: Claim preclusion</u> (1) Claim preclusion is immutable and is attached only to what has been decided. (2) Before claim preclusion can be given effect, the following conditions must be met: (a) the subject matter of the claim must be the same; (b) the claim must be based on the same cause;	<u>Section 5 : Présomption</u> <u>Article 81 : Admissibilité de la présomption humaine</u> L'organe compétent n'admet la présomption humaine que lorsqu'elle est importante, précise et concordante et dans le cas seulement où la loi admet la preuve par tout moyen. <u>Article 82 : Autorité de la chose jugée</u> (1) L'autorité de la chose jugée est immuable et n'a lieu qu'à l'égard de ce qui a été tranché. (2) Pour que l'autorité de la chose jugée prenne effet, les conditions suivantes doivent être réunies : (a) l'objet de l'affaire doit être le même; (b) le différend doit être fondé sur la même cause;
--	--	--

(c) ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo bagomba gukomeza kuba bamwe kandi bakaba basaba ikemurwa ryacyo mu bubasha bari basanganywe mbere. <u>Ingingo ya 83:</u> Gusonerwa gutanga ikindi kimenyetso iyo hari ikimenyetso gicukumbuwe n'itegeko (1) Umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo ugaragaje ikimenyetso gicukumbuwe n'itegeko ntahatirwa gutanga ikindi kimenyetso. (2) Nta kindi kimenyetso cyemewe kivuguruzwa igicukumbuwe n'itegeko, keretse iyo itegeko ribiteganywa ukundi. <u>Icyiciro cya 6:</u> Ukwiyeemerera k'umuburanyi cyangwa k'umwe mu bafitanye ikibazo <u>Ingingo ya 84:</u> Agaciro k'ukwiyeemerera mu magambo kudakorewe imbere y'urwego rufite ububasha Kuvuga ko umuntu yiyemereye ikintu mu magambo gusa atabikoreye imbere y'urwego rufite ububasha si ikimenyetso gifitiye	(c) the dispute or the case must be between the same parties and brought by them and against them in the same capacity. <u>Article 83:</u> Exemption from production of evidence additional to legal presumption (1) A legal presumption relieves the party for whose benefit it exists of the burden of proving it. (2) No evidence is admissible against a legal presumption, unless otherwise provided by law. <u>Section 6:</u> Admission by a party <u>Article 84:</u> Probative value of oral admission made out of the competent organ An allegation of oral admission made outside of the competent organ is not considered as valid admission of the author if it is a case in	(c) le différend ou l'affaire doivent être entre les mêmes parties et formés par elles et contre elles en la même qualité. <u>Article 83 :</u> Exonération de la production d'une autre preuve en plus de la présomption légale (1) La présomption de la loi dispense la partie au profit de laquelle elle existe d'en rapporter la preuve. (2) Nulle preuve n'est admise contre la présomption de la loi, à moins que la loi n'en dispose autrement. <u>Section 6 :</u> Aveu d'une partie <u>Article 84 :</u> Valeur probante de l'aveu verbal fait en dehors de l'organe compétent Une allégation d'aveu verbal fait en dehors de l'organe compétent n'est pas considérée comme un aveu valable de l'auteur s'il s'agit
---	---	---

ugitanze akamaro, iyo ari mu byerekeye ikibazo kitemerewe gutangirwa ubuhamya. <u>Ingingo ya 85:</u> Agaciro k'ukwiyemerera gukorewe imbere y'urwego rufite ububasha (1) Ukwiyeemerera k'umuburanyi cyangwa k'umwe mu bafitanye ikibazo gukorewe imbere y'urwego rufite ububasha bigira agaciro iyo hari imwe mu mpamvu zikurikira: (a) uregwa asobanukiwe neza imiterere n'ingaruka byo kwemera ibyo aregwa; (b) ukwemera kwakozwe ku bushake bw'uregwa; (c) ukwemera ibyo aregwa gushyigikiwe n'ibindi bimenyetso. (2) Kuvana bimwe mu byo uwiyeemerera yavuze ngo abe ari byo bihabwa agaciro bidafatiwe hamwe nk'uko yabivuze, ntibyemewe. (3) Umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo wiyemereye ibyo aregwa mu buryo buvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntashobora	which testimonial evidence is not allowed. <u>Article 85:</u> Probative value of admission made before the competent organ (1) The admission made by a party before the competent organ is valid only when either of the following conditions is met: (a) the defendant clearly understands the nature and consequences of the admission of the claim; (b) the admission is voluntarily made by the defendant; (c) the admission is supported by other evidence. (2) Omitting certain statements for in a confession in order to consider them valid is not authorized. (3) A party who admits allegations made against him or her under the conditions referred to in Paragraph (1) of this Article may not revoke his or her	d'une affaire dans laquelle la preuve testimoniale n'est pas admise. <u>Article 85 :</u> Valeur probante de l'aveu fait devant l'organe compétent (1) L'aveu fait par une partie devant l'organe compétent n'est valable que lorsque l'une ou l'autre des conditions suivantes est remplie : (a) le défendeur comprend clairement la nature et les conséquences de l'aveu du différend; (b) l'aveu est volontairement fait par le défendeur; (c) l'aveu est soutenu par d'autres preuves. (2) L'omission des unes des déclarations faisant l'objet d'aveu pour les considérer comme valables n'est pas permise. (3) Une partie qui avoue les allégations faites à son encontre dans les conditions visées au paragraphe (1) du présent article ne peut pas révoquer son aveu à
---	---	---

kwisubiraho, keretse agaragaje ko yemejwe ku gahato, uburiganya cyangwa ko yibeshye ku cyabaye. Ntashobora kwisubiraho avuga ko yayobejwe no kwibeshya ku itegeko. <u>Ingingo ya 86:</u> Ukwiyeemerera kw'umwe cyangwa kwa bamwe mu bafatanyije umwenda Ukwiyeemerera k'umwe cyangwa kwa bamwe mu bafatanyije umwenda gukorewe imbere y'urwego rufite ububasha cyangwa ahandi ntikugira ingaruka ku muntu cyangwa ku bandi bantu basangiye umwenda. <u>UMUTWE WA IV: IBIMENYETSO MU MANZA NSHINJABYAHA</u> <u>Ingingo ya 87:</u> Ikimenyetso mu rubanza nshinjabyaha Mu rubanza nshinjabyaha, ikimenyetso gishingira ku mpamvu zose z'ibyabaye n'ibyemejwe n'amategeko, ababuranyi bapfa kuba barahawe umwanya wo kubijyaho impaka.	admission unless he or she proves that it was the result of physical duress, deception or error of fact. He or she may not revoke his or her admission under the ground of an error of law. <u>Article 86:</u> Admission of one or several co-debtors Admission of one or several co-debtors made before or outside the competent organ does not bind his or her co-debtor or other co-debtors. <u>CHAPTER IV: EVIDENCE IN CRIMINAL MATTERS</u> <u>Article 87:</u> Evidence in criminal matters In criminal matters, evidence is established by any means of fact or law, provided that parties are given time for cross-examination.	moins qu'elle ne prouve que celui-ci a été la suite d'une contrainte physique, d'une ruse ou d'une erreur de fait. Elle ne peut pas révoquer son aveu sous prétexte d'une erreur de droit. <u>Article 86 :</u> Aveu d'un ou de plusieurs codébiteurs L'aveu d'un ou de plusieurs codébiteurs fait devant ou hors de l'organe compétent ne lie pas son codébiteur ou d'autres codébiteurs. <u>CHAPITRE IV : PREUVE EN MATIÈRE PÉNALE</u> <u>Article 87 :</u> Preuve en matière pénale En matière pénale, la preuve est établie par tout moyen de fait ou de droit, à condition que les parties aient le temps de procéder à un contre-interrogatoire.
--	--	---

<u>Ingingo ya 88:</u> Ikoreshwa mu manza nshinjabyaha ry'ibimenyetso bikoreshwa mu manza cyangwa mu bibazo mbonezamubano Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 87 y'iri tegeko, ibimenyetso bikoreshwa mu manza cyangwa mu bibazo mbonezamubano bishobora gukurikizwa no mu manza nshinjabyaha. <u>Ingingo ya 89:</u> Aho ikimenyetso gifatika gishingira (1) Ikimenyetso gifatika gishingira- (a) ku kintu cyangwa ikimenyetso kigaragara k'uregwa cyangwa ku wakorewe icyaha; (b) ku kintu cyangwa ikimenyetso basanganye uregwa; (c) ku kintu cyangwa ikimenyetso basanganye uwakorewe icyaha; (d) ku kintu cyangwa ikimenyetso cyabonetse ku wundi muntu ufite icyo ahuriyeho n'uregwa; (e) ku kintu cyangwa ikimenyetso cyabonetse ahakorewe icyaha	<u>Article 88:</u> Application of evidence used in civil matters to criminal matters Without prejudice to the provisions of Article 87 of this Law, evidence in civil matters may also apply to criminal matters. <u>Article 89:</u> Matters to which material evidence relates (1) Material evidence may relate to- (a) an object or trace found on the accused or the victim; (b) an object or trace found in possession of the accused; (c) an object or trace found in possession of the victim; (d) an object or trace found in possession of a third party related to the accused; (e) an object or trace found at the crime scene or elsewhere.	<u>Article 88 :</u> Application en matière pénale des preuves appliquées en matière civile Sans préjudice des dispositions de l'article 87 de la présente loi, les preuves appliquées en matière civile peuvent également s'appliquer en matière pénale. <u>Article 89 :</u> Questions sur lesquelles se porte la preuve matérielle (1) La preuve matérielle porte sur- (a) un objet ou une trace trouvée sur l'accusé ou la victime; (b) un objet ou une trace trouvée en possession de l'accusé; (c) un objet ou une trace trouvée en possession de la victime; (d) un objet ou une trace trouvée en possession d'un tiers ayant un lien avec l'accusé; (e) un objet ou une trace trouvée sur les lieux du crime ou ailleurs.
--	---	--

cyangwa ahandi hantu. (2) Ikimenyetso gifatika ntigishingira ku nyandiko. Icyakora, rimwe na rimwe inyandiko ishobora gufatwa nk'ikimenyetso gifatika. <u>Ingingo ya 90: Kwerekana inkomoko y'ikimenyetso gifatika</u> Umuburanyi utanga ikimenyetso gifatika agomba kwerekana inkomoko yacyo kugira ngo hagaragare aho gihuriye n'ikorwa ry'icyaha. Agomba kandi kugaragaza ko icyo kimenyetso ari cyo cyafatiriwe cyangwa cyakomotse ku byabaye no kwerekana ko kitahindutse kubera ibyagikozweho. <u>Ingingo ya 91: Ibisobanuro biherekeza igishushanyo</u> Igishushanyo cyangwa ikindi gikozwe nk'igishushanyo kigomba guherekezwa n'ibisobanuro kandi urwego rufite ububasha rushobora gusaba uwagikoze kugitangaho ibisobanuro. <u>UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u>	(2) Material evidence does not relate to a document. However, a document can sometimes be considered as material evidence. <u>Article 90: Indication of the origin of material evidence</u> A party who produces material evidence must establish its origin in order to link it to the commission of offence. Also, he or she must establish that the evidence is indeed the one that was seized or collected at the time of occurrence of the facts and demonstrate that it remained unaltered despite manipulations carried out on it. <u>Article 91: Explanations on drawings sketch</u> A drawing, sketch or any other similar representation must be accompanied by explanations and the competent organ may request the person who drew it to provide interpretation thereon. <u>CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	(2) La preuve matérielle ne porte pas sur un document. Toutefois, un document peut parfois être considéré comme une preuve matérielle. <u>Article 90 : Indication de l'origine de la preuve matérielle</u> Une partie qui produit une preuve matérielle doit établir l'origine de cette dernière afin de la relier à la commission de l'infraction. Elle doit également établir que la preuve est bien celle qui a été saisie ou recueillie à l'époque des faits et démontrer qu'elle est restée la même malgré les manipulations réalisées sur elle. <u>Article 91 : Témoignage sur dessin ou croquis</u> Un dessin, croquis ou toute production analogue doit être accompagné d'explications et l'organe compétent peut demander à son producteur de l'interpréter. <u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u>
--	--	---

<u>Ingingo ya 92: Uko iperereza no kuja aho ikiri mu mpaka kiri bikorwa</u> (1) Igihe cyose gusuzuma ikibazo bitararangira, urwego rufite ububasha rushobora gutegeka iperereza rubyibwirije cyangwa rubisabwe n'umuburanyi cyangwa umwe mu bafitanye ikibazo. Urwego rufite ububasha rushobora kandi gufata icyemezo cyo kwikorera iperereza rukajya aho ikiri mu mpaka giherereye. (2) Mu gukora iperereza, abacamanza bagize inteko iburanisha cyangwa abakemura ikibazo bose bashobora kujya aho ikiri mu mpaka giherereye cyangwa hakagenda umwe muri bo. (3) Icyemezo cy'urwego rufite ububasha gitegeka iperereza kigararaza umunsi n'isaha urwego rufite ububasha ruzagerera ahagomba gukorerwa iperereza. Icyakora, icyemezo cy'urwego rufite ububasha gishobora kutagaragaza umunsi n'isaha ruzagerera ahagomba gukorerwa iperereza iyo kubimenyesha bishobora gutuma ibimenyetso	<u>Article 92: Procedures for investigating and visiting the location of the subject matter in dispute</u> (1) At any time prior to concluding the consideration of the dispute, the competent organ may, on its own initiative or at the request of a party, order an investigation. Also, the competent organ may decide to conduct its own investigation and thus visit the location of the subject matter in dispute. (2) During the investigation, one or all of the judges who are members of the bench hearing the case or determining the dispute may visit the location of the subject matter in dispute. (3) The competent organ's decision ordering the investigation specifies the day and time when the competent organ has to arrive at the place of investigation. However, the decision of the competent organ may not specify the day and time by which he must arrive at the place of investigation if such specification is likely to result in the alteration,	<u>Article 92 : Modalités d'enquête et de descente sur les lieux de l'objet du différend</u> (1) À tout moment avant la clôture de l'examen du différend, l'organe compétent peut, de sa propre initiative ou à la demande d'une partie, ordonner une enquête. L'organe compétent peut également décider de mener sa propre enquête et ainsi se rendre sur les lieux de l'objet du différend. (2) Lors de l'enquête, tous les juges qui composent le siège en charge de connaître de l'affaire ou de trancher le différend ou l'un d'entre eux peuvent se rendre sur les lieux de l'objet du différend. (3) La décision de l'organe compétent ordonnant l'enquête précise le jour et l'heure auxquels l'organe compétent arrive sur les lieux d'enquête. Toutefois, la décision de l'organe compétent peut ne pas préciser le jour et l'heure auxquels elle doit arriver sur les lieux d'enquête si une telle précision est susceptible d'entraîner l'altération, la dissimulation ou la
--	---	---

bikurikiranywe bihindurwa ukundi, bihishwa cyangwa bivanwaho. (4) Inyandikomvugo y'ibyarebwe ishyirwaho igikumwe cyangwa umukono n'ababigizemo uruhare. Iyo hari uwanze cyangwa udashobora gushyira igikumwe cyangwa umukono kuri iyo nyandikomvugo, birandikwa. <u>Ingingo ya 93: Ubufatanye mu iperereza</u> (1) Urukiko rushobora gutuma urundi rukiko rw'u Rwanda rureshya narwo cyangwa rururi munsu kurukorera umurimo rurubwiye ku kiri mu mpaka, keretse iyo urwo rukiko rwigeze kukiburanishaho. (2) Urukiko rwatumwe rutegetswe kurangiza ubutumwa ku buryo rwabwiwe no mu gihe rwahawe n'urukiko rwarutumye, keretse haramutse habonetse impamvu ituma bidashoboka mu gihe cyasabwe. (3) Urukiko rwo mu Rwanda rushobora	concealment or destruction of the evidence sought. (4) The persons involved affix their fingerprint or signature to the report mentioning the elements examined. If a person refuses or is unable to affix their fingerprint or signature, this is noted. <u>Article 93: Cooperation in investigation</u> (1) A court may delegate to another Rwandan court equal in rank to it or lower in rank than it the performance of an act that it specifies in relation to the subject matter in dispute, unless that court has ever heard the dispute. (2) The delegated court is required to perform the delegated act within the limits of the delegation and within the time limit set by the delegating court, unless a reason arises which makes it impossible to meet the time limit. (3) A Rwandan court may, through the	destruction des preuves recherchées. (4) Les personnes qui y ont été impliquées apposent leur empreinte digitale ou leur signature sur le procès-verbal mentionnant les éléments examinés. Lorsqu'une personne refuse ou est incapable d'y apposer son empreinte digitale ou sa signature, il en est fait mention. <u>Article 93 : Coopération en matière d'enquête</u> (1) Une juridiction peut déléguer à une autre juridiction rwandaise de rang égal ou inférieur au sien la réalisation d'un acte qu'elle lui précise en rapport avec l'objet du différend, à moins que cette juridiction ait un jour connu de ce dernier. (2) La juridiction ayant reçu délégation est tenue d'accomplir l'acte délégué dans les limites de la délégation et dans le délai qui lui a été imparti par la juridiction délégante, à moins que ne survienne un motif rendant impossible le respect du délai imparti. (3) Une juridiction rwandaise peut, par
--	---	---

Official Gazette n° Special of 27/06/2024

gutuma urundi rukiko rwo mu mahanga, cyangwa gusubiza ikibazo rubajijwe n’urukiko rwo mu mahanga binyujijwe kuri Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga. <u>Ingingo ya 94: Ingingo y’ururimi</u> Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 95: Ingingo ivanaho</u> Itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n’itangwa ryabyo rivanyweho. <u>Ingingo ya 96: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	President of the Supreme Court, delegate an act to another foreign court or respond to a question addressed to it by the latter. <u>Article 94: Language provision</u> This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda. <u>Article 95: Repealing provision</u> Law n° 15/2004 of 12/6/2004 relating to evidence and its production is repealed. <u>Article 96: Entry into force</u> This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	l’entremise du Président de la Cour suprême, déléguer un acte à une autre juridiction étrangère ou répondre à une question lui posée par cette dernière. <u>Article 94 : Disposition linguistique</u> La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. <u>Article 95 : Disposition abrogatoire</u> La Loi n° 15/2004 du 12/06/2004 portant modes et administration de la preuve est abrogée. <u>Article 96 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
---	--	--

Kigali, 20/06/2024

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux